ABALEWI

KUGERA

YOSUWA

TMBC ISOMO #3

IGITABO GIFASHA UMUYOBOZI

Ihema ry'Ibonaniro

Igice cya 1
Inyigisho y'Amajwi: Isomo rya 15 ry'Isesengura ry'Isezerano rya Kera.

Intego: Kugaragaza intego n'ingingo nkuru zigize igitabo cy'Abalewi kugira ngo twigishe ubwoko bw'Imana kuramya.

"*Ntimugakore nk'ibyo abo mu gihugu cya Egiputa bajya bakora, abo mwahoze mutuyemo, kandi ntimuzakore nk'ibyo abo mu gihugu cy'i Kanani bajya bakora, aho mbajyana, kandi ntimuzakurikize amategeko yabo. Amateka yanjye abe ari yo mujya mwumvira, amategeko yanjye abe ari byo mugenderamo. Ndi Uwiteka Imana yanyu. Nuko mujye mwitondera amategeko yanjye n'amateka jyanjye, ibyo uzabikora azabeshwaho na byo. Ndi Uwiteka*." Abalewi 18:3-5

Igitabo cy'Abalewi kigora abantu benshi kugisobanukirwa. Gisobanura cyane uko Abalewi bagombaga gukora nk'abatambyi ba Isirayeli. Kugira ngo usobanukirwe igitabo cy'Abalewi, ni ngombwa ko ubanza gusobanukirwa ihema ry'ibonaniro ryo mu butayu, aho aba batambyi bari bashinzwe gutamba ibitambo, amaturo ndetse n'indi mihango yo kuramya.

Ihema ry'ibonaniro ryari rigizwe n'urugo n'ihema, ryari riciwemo ibice bibiri byari bigabanijwemo n'inyegamo yijimye cyane. Igice cyo hanze cyitwaga "Ahera," hanyuma igice cy'imbere cyikitwa "Ahera h'Ahera," aho Imana yaturaga.

Ihema ry'ibonaniro ryari ririmo ibikoresho byiza cyane bibajwe mu giti. Igicaniro cy'umuringa aho abanyabyaha basabiraga imbabazi cyari imbere y'irembo ucyinjira mu rugo. Mu rugo harimo hari igikarabiro aho umutambyi yizerezaga mu cyimbo cy'umunyabyaha. Iyo umutambyi yinjiraga Ahera, yahitaga abona igitereko cy'itabaza ibumoso bwe, akabona ameza yaterekwagaho umutsima iburyo, akabona igicaniro cy'imibavu imbere ye. Ahera h'Ahera habaga Isanduku y'Isezerano, yabagamo ukubaho kw'Imana. Umutambyi yajyaga Ahera h'Ahera rimwe mu mwaka agatamba igitambo agitambira ibyaha by'abantu bose.

Buri gice cy'ihema ry'ibonaniro cyari ikimenyetso kandi cyari ishusho iganisha ku Mucunguzi wasezernyijwe ari we Yesu Kristo. Ubutumwa bwiza butubwira ko igihe Yesu yapfiraga ku musaraba, umwenda cyangwa irido ryatandukanyaga Ahera n'Ahera h'Ahera ho mu mu rusengero washishimutse uhereye

hejuru ugera hasi, bigaragaza ko igitambo cyatambwe na Yesu cyadushoboje kwinjira mu kubaho kw'Imana.

Ihema ry'Ibonaniro ryo mu Butayu

1. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Ihema ry'ibonaniro ryari ikimenyetso cy'Imana gusa, ntabwo kubaho kw'Imana kwarimo.
2. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Isanduku y'Isezerano yari ifite agaciro gakomeye cyane kandi yareraga kandi Abisirayeli bayiramyaga rimwe mu mwaka.
3. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Amazi yo mugikarabiro adushushanyiriza Yesu, niwe utwozaho ibyaha byose.

Cyeretse nibihindurwa, naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe gusa kuri buri kibazo.

4. Ihema ry'ibonaniro cyari iki?
   a. Inzu ya Mose
   b. Inzu y'abatambyi
   c. Ihema ryo kuramirizamo
   d. Inyubako yo muri Egiputa
5. Ni ikihe muri ibi kigaragaza intego nkuru z'agakiza twahawe?
   a. Gucika abanzi bacu
   b. Gutera imbere mu bikorwa bw'ubucuruzi.
   c. Kurama no kubaho ubuzima bw'umugisha.
   d. Kuramya Imana.
6. Igicu cya kumanywa n'inkingi y'umuriro ya ninjoro byajyaga hejuru y'ihema ry'ibonaniro byagaragaza kubaho k'Umwuka w'Imana. Ni ikihe muri ibi gisobanura umubano wacu n'Umwuka Wera? (Hitamo ibyo ubona ko ari ibisubizo byose?
   a. Aba muri twe.
   b. Atuzaho.
   c. Aturebera hirya.
   d. Aratuyobora kandi akadutwara.
7. Kuki byari ngombwa ko ihema ry'ibonaniro rishyirwa hagati y'inkambi y'ubwoko bw'Imana?
   a. Kugira ngo byorohere abantu kuyigeraho.
   b. Kwibutsa abantu ko Imana ariyo shingiro rya buri kintu dukora.
   c. Kurinda abantu guhora bashwanira aho igomba gushyirwa.
   d. Kugira ngo hatagira ugirira ishyari abayegereye cyane.

8. Ni iki cyajyanaga umuntu ku ihema ry'ibonaniro? (Hitamo ibyo ubona ari ukuri byose)
    a. Kugira ngo ababarirwe.
    b. Gushimisha Mose
    c. Kuramya Imana
    d. Kugira ngo ashimwe n'Imana
9. Iyo umuntu yajyaga mu ihema ry'ibonaniro ngo ababarirwe ibyaha bye, ni nde watambaga igitambo?
    a. Umunyabyaha
    b. Se w'umunyabyaha
    c. Umutambyi
    d. Mose
10. Umutambyi mukuru yajyaga Ahera h'Ahera inshuro zingahe kugira ngo atambe ibitambo by'abantu bose?
    a. Buri gitondo
    b. Buri joro
    c. Rimwe mu kwezi
    d. Rimwe mu mwaka
11. Ibikoresho byo kuramya byo mu ihema ry'ibonaniro byari bibajwe mu giti byari bifite shusho ki?
    a. Mu murongo ugororotse
    b. Mu ishusho y'umusaraba
    c. Mu ruziga
    d. Ishusho y'impande ennye z'ihema ry'ibonaniro
12. Amatungo yatambirwaga ku gicaniro cy'umuringa yashushanyaga iki?
    a. Umwana w'Intama w'Imana wakuyeho ibyaha by'isi.
    b. Gupfa kw'abantu
    c. Ubugingo bw'abanyabyaha
    d. Ibigirwamana
13. Umuhango wa kwezwa wakorerwaga ku ruhimbi wari uvuze iki?
    a. Ko Imana ishaka ko tubaho twejejwe
    b. Ko abantu bagomba gukaraba mu ntoki bagiye gufungura.
    c. Ko abogejweho ibyaha aribo bagomba kwegera Imana bonyine.
    d. Ko abatambyi bonyine ari bo bababarirwa ibyaha.
14. Igitereko cy'itabaza cyari gihagarariye ki?
    a. Umuriro w'ibitambo byoswa.
    b. Umucyo w'ijambo ry'Imana riduha ubugingo.
    c. Abamarayika
    d. Ubwenge bw'abamarayika.
15. Umutsima wok u meza wari ahagarariye iki?
    a. Uko Imana ikemura ibibazo byacu bya buri munsi
    b. Ibirori by'amasarura
    c. Igitambo cy'icyaha
    d. Ntacyo—kugira ngo uribwe n'abatambyi gusa.
16. Igicaniro cy'imibavu cyari gihagarariye iki?
    a. Kwiga Bibiliya
    b. Imirimo myiza

c. Amategeko
d. Gusenga

17. Kuki hari irido ritandukanya abantu n'ukubaho kw'Imana?
    a. Kugaragaza ubutane bwabaye hagati y'Imana Yera n'inyoko muntu yuzuye ibyaha.
    b. Kugira ngo abantu batareba uko Imana isa.
    c. Kugira ngo hatagira ubona umutambyi aramya Imana.
    d. Kwibutsa abantu ko Imana ari ubwiru.
18. Irido risobanura rite Isezerano rya Kera?
    a. Ko abatambyi ari bo bamenya amabanga y'Imana bonyine.
    b. Ko Imana izahora yihishe abantu.
    c. Ubutane bw'Imana n'abantu n'ibwo butuma dukenera Umukiza.
    d. Imana ihana abanyabyaha ibasohora mu rusengero.
19. Umutambyi Mukuru wacu ni nde
    a. Umukuru kuruta abandi mu myaka mu muryango
    b. Umukuru kuruta abandi myaka mu rusengero
    c. Mose
    d. Yesu
20. Ihema ry'ibonaniro risobanuye iki (hitamo ibyo ubona ko ari ibisubizo byose)?
    a. Kwigisha ubwoko bw'Imana kuramya no kubabarirwa.
    b. Ni ikimenyetso cya Yesu Kristo.
    c. Ko tugomba kujya ku ihema ry'ibonaniro tugasaba umutambyi kudusengera.
    d. Ko, iyo tumaze kubaturwa mu bubata bw'icyaha, tugomba kumenya no kuramya umucunguzi wacu.



"*Mbese ntimuzi yuko imibiri yanyu ari insengero z'Umwuka Wera uri muri mwe, uwo mufite wavuye ku Mana? Kandi ntimuri abanyu ngo mwigenge kuko mwaguzwe igiciro. Nuko rero mutume imibiri yanyu ihimbaza Imana."* (1 Abakorinto 6:19, 20)

Niba uri umukristo, uri urusengero rw'Imana no kubaho kwayo kw'Ahera h'Ahera. Mbese ibi bituma wumva umeze ute? Mbese byaba bihindura imisengere yawe? Haba hari ibintu byo mu bugingo bwawe bigomba guhinduka bitewe no kwera ko kubaho kwayo?

_____

_____

_____

Shimira So wo mu ijuru ko yatanze ibyo yatanze byose. Niba hari ikintu ugomba kwaturira Imana mu kubaho kwayo, bikore ubu nonaha. Saba Imana kugira ngo igushoboze kuba mu kubaho kwayo mu buryo bushya kandi bwimbitse.

Kujya Imuhengeri

1. Ni iki Imana yarimo kwigisha ubwoko bwayo ikoresha ihema ry'ibonairo?

   _____
   _____
   _____

2. Sobanura uko buri gikoresho kibajwe mu giti cyavuaga icyo Imana yagombaga gukora kugira ngoumunyabyaha ashobore kubabarirwa ndetse akomeze kugirana umubano n'Imana yera.

   _____
   _____
   _____

3. Mbese inshingano y'umutambyi ikora ite muri uyu murimo wose?

   _____
   _____
   _____

4. Ni cyashushanywaga n'ahera h'ahera n'irido ryatandukanyaga ahera n'ahera h'ahera?
5. _____
   _____
   _____
6. Sobanura uko irido rinini ryo mu Rusengero rwa Salomo rwashishimutse rihereye hejuru rikagera hasi ubwo Yesu yapfiraga ku musaraba ndetse unavuge icyo icyo gitangaza kivuze.

   _____
   _____
   _____

7. Sobanura uko buri gikoresho cyo mu ihema ry'ibonaniro kibajwe mu giti ari ishusho ya Kristo.

   _____
   _____
   _____

8. Mu buryo bwo gushyira mu bikorwa ubutumwa burimo, sobanura waramya Imana ushyize mu gaciro ibyo bikoresho byose utanyuze mu mutambyi, cyeretse Umutambyi wacu Mukuru, Yesus Kristo.

   _____
   _____
   _____

Igitabo Cyifashishwa n'Umukozi w'Imana

Igice cya 2
Inyigisho y'Amajwi: Isomo rya 16 ry'Isesengura ry'Isezerano rya Kera.

Intego: Kumenya uko ihema ry'ibonaniro rihagararira kuri ko mu Isezernao Rishya n'ukuntu ryakoreshwa n'abizera bo mu gihe cya none.

"Ari ryo bwa bwiru bwahishwe uhereye kera kose n'ibihe byose, ariko none bukaba bwarahishuriwe abera bayo, abo imana yishimiye kumenyekanisha ubutunzi bw'ubwiza bw'ubwo bwiru bwageze mu banyamahanga, ari bwo kristo uri muri twe, ari byo byiringiro by'ubwiza." Abakolosayi 1:26, 27

*"Mbese ntimuzi yuko imibiri yanyu ari insengero z'Umwuka Wera uri muri mwe, uwo mufite wavuye ku Mana? Kandi ntimuri abanyu ngo mwigenge kuko mwaguzwe igiciro. Nuko rero mutume imibiri yanyu ihimbaza Imana."*1 Abakorinto 6:19, 20

Mu gitabo cy'Itangiriro, tuhabona ko iyo umuntu acumuy, ingaruka mbi zibaho ni ubutane, ubutane hagati y'Imana n'umuntu. Icyakemura iki kibazo gikomeye cyane, kunga ubu butane, ni cyo cyatumye Bibiliya ibaho, kandi niyo yari intego y'ihema ry'ibonaniro ryo mu butayu. Ni ahantu Imana yaturaga ndetse aho abanyabyaha bazaga ngo babarirwe ndetse biyunge n'Imana.

Ubwo Yesu yapfiraga ku musaraba, yabaye Umutambyi Mukuru, kandi ageze mu ijuru yakoze imihango yose yo kuramya ayikorera mu ihema ry'ibonaniro ryo mu ijuru. Mbere y'urupfu rwa Yesu, umunyabyaha ntabwo yashoboraga kwegera Imana. Umutambyi wenyine niwe washoboraga kujya mu kubaho kw'Imana akingingira umunyabyaha. Ariko Yesu apfira ku musaraba, yaduhesheje uburenganzira bwo kujya mu kubaho kw'Imana.

Yesu ntabwo yatugiriye mu ihema ry'ibonaniro ryo mu ijuru gusa, ahubwo Umwuka we aba muri twe. Isezerano Rishya rivuga ko imibiri yacu ari insengero z'Imana. Icyo ni igitangaza tubana na cyo buri munsi: Kristo kuba muri twe. Dufite icyo bisabo cyose kugira ngo tubeho uko Imana yaduhamagariye kubaho.

1. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Izina ry'igitabo cy'Abalewi mu rurimi rw'Igiheburayo risobanuye ngo "kandi Yarampamagaye."
2. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Igitabo cy'Abalewi kivuga ibya kera gusa kandi ntabwo ibyanditsemo byashyirwa mu bikorwa muri iki gihe cyacu.
3. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Ukubaho kw'imana kwabaga Ahera h'Ahera mu ihema ry'ibonaniro.

Cyeretse ari uko bivuzwe, naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe kuri buri kibazo.

4. Kuki igitabo cyitwa "Abalewi"?
   a. Abalewi ni izina ry'umuntu ugaragaramo cyane.
   b. Abalewi ni ijambo rya kera ry'Ababeburayo risobanuye "amabwiriza."
   c. Abalewi bivuze ngo "ibyerekreanye n'Abalewi bari abatambyi."
   d. Abalewi ni izina ry'ahantu Abisirayeli bari bacumbitse ubwo iki gitabo cyandikwaga.
5. Ni ibihe muri ibi bintu byo mu Isezerano Rishya bigaragaza isohora ry'ihema ry'ibonaniro? (Hitamo ibyo ubona ko ari ukuri byose)
   a. Umwuka w'Imana atura mu bantu bizera Yesu.
   b. Inyubako z'insengero zigomba kubakwa zisa n'ihema ry'ibonaniro.
   c. Ihema ry'ibonaniro ni ikimenyetso cy'ibibera mu ijuru, kandi Yesu Kristo niwe mutambyi mukuru.
   d. Twajya mu kubaho kw'Imana igihe cyose dushize amanga.
6. Ni iki Isezerano Rishya rivuga ku byaha bikorerwa mu mubiri?
   a. Ntacyo bivuze kuko umubiri udahabwa agaciro.
   b. Biroroshye kubitsinda.
   c. Nabyo birakomeye kuko Imana itura mu mubiri w'abakijijwe.
   d. Abantu bakora ibyaha bikomeretsa umubiri ntabwo bashobora gukizwa.
7. Ni ikihe gitabo cyo mu Isezerano Rishya gihuza Isezerano Rishya n'irya Kera iyo gisobanura neza ihema ry'ibonaniro?
   a. Matayo
   b. Ibyakozwe n'Intumwa
   c. Ababeburayo
   d. Ibyahishuwe
8. Ihema ry'ibonaniro ryo mu gitabo cy'Abalewi rigira sano ki ni ijuru?
   a. Ni ikimenyetso cy'ibibera mu ijuru.
   b. Ni ahantu turamiriza Imana by'agateganyo ariko ntabwo tuzarikenera nitugera mu ijuru.
   c. Rizongera ryubakwe mu ijuru.

d. Nta sano ihari hagati y'ihema ry'ibonaniro n'ijuru.

9. Ni nde wajya Ahera h'Ahera ho mu ijuru?
   a. Ntawe
   b. Ni Yesu wenyine
   c. Ni abatambyi gusa
   d. Ni uwizera Yesu wese
10. Ni iyihe myumvire muri iyi tugomba kugira iyo dusengera mu kubaho kw'Imana? (Hitamo ibyo ubona ko ari ukuri byose)

a. Ubwoba	b. Gushira amanga
c. Gucirwa urubanza	d. Kwiyemera
e. Kwiheba	f. Gukomera
g. Gushimira	h. Ubushari
i. Gushidikanya	j. Kwizera

11. Ni iki ugomba gukora muri cya gihe cyo kwiherera n'Imana? (Hitabo ibyo ubona ko ari ibisubizo byose)
    a. Kwatura ibyaha.
    b. Kwakira kubabarirwa n'Imana.
    c. Kuyishimira ijambo ryayo.
    d. Kuyishimira kukwitaho.
    e. Gusaba ibyo ukennye.
    f. Iyemeze kuyikorera uko ishatse kugukoresha.
    g. Kuyitega amatwi.
    h. Kuyibwira uko yakugiriye neza.
    i. Kuyibwira icyo igomba gukora.
12. Imana imera ite iyo yumvise ibyo tuyibwira?
    a. Nta mwanya igira wo kubyumva.
    b. Yarambiwe no kumva ibibazo byacu.
    c. Hari ubwo ibyishimira.
    d. Ihora yishimira kubyumva.
13. Ni butumwa ki abizera bakura mu nyigisho y'ihema ry'ibonaniro? (Hitamo ibyo ubona ko ari ukuri byose)
    a. Ubutumwa bwiza- inkuru nziza butwigisha ko Imana yatanze uburyo bwo kuyigarukira.
    b. Imibiri yacu ni insengero cyangwa ingoro z'Umwuka w'Imana.
    c. Imana iri kumwe natwe, itura muri twe, kandi Umwuka w'Imana aturiho.
    d. Tugomba kujya mu rusengero kugira ngo dusenge Imana.

Iyo wemera ko Imana ituye muri wowe, ko uri Ahera h'Ahera, ibi bigomba guhindura gute uko ubanye umunsi ku wundi, n'umuryango wawe? N'inshuti zawe n'abaturanyi bawe? Mu kazi ukora cyangwa aho wiga?

_____

_____

_____

Imana ishimwe cyane ko yagutoranyije ngo igukoreshe, noneho yisabe ko yagushoboza kumenya ukubaho

kwayo mu bugingo bwawe. Yibaze uko ishaka kugukoresha gufasha abandi.

Kujya Imuhengeri

1. Igitabo cy'Abalewi cyari iki kandi ni iki cyatumye cyandikwa? Ni gute cyahawe iryo zina kandi ni gute cyagombaga gukoreshwa n'abatambyi?
   _____
   _____
   _____
2. Vuga kandi usobanure neza ukuri ko mu mwukaubona muri iki gitabo washyira mu bikorwa mu buzima bwawe bwite no mu kurmaya Imana muri iki gihe.
   _____
   _____
   _____
3. Ukuri kugaragara mu gice cya cyenda cy'igitabo cy'Abaheburayo wagusanisha ute n'ihema ry'ibonaniro tubona mu gice cya nyuma cy'igitabo cyo kuva no mu gitabo cy'Abalewi?
   _____
   _____
   _____
4. Amagambo yanditswe n'Intumwa Pawulo yo mu 1 Abakaorinto 6:19,20 atubwira ko imibiri yacu ari insengero (ihema) z'Imana, ni sano ki afitanye n'ukuri dusanga mu gitabo cy'Abalewi kuvuga ku ihema ry'ibonaniro?
   _____
   _____
   _____
5. Niba ihema ry'ibonaniro ry'ibonaniro ryo ku isi ryari ishusho y'iryo mu ijuru gusa, ni irihe muri yombi rifite akamaro kurusha irindi, cyangwa yombi afite akamaro kangana, cyangwa nta kamaro yombi amaze?
   _____
   _____
   _____
6. Ni ubuhe butumwa cyangwa inkuru nziza nyamukuru Imana ivuga ikoresheje iri hema ry'ibonaniro cyangwa ryo kuramirizamo?
   _____
   _____
   _____
7. Ubutumwa nyamukuru ukuri muri iki gitabo cy'Abalewi ni ubuhe?
   _____
   _____
   _____

Imitekerereze y'Igitambo

Igice cya 3
Inyigisho y'Amajwi: Isomo rya 17 ry'Isesengura ry'Isezerano rya Kera.

Intego: Kumenya icyo ibitambo byo mu gitabo cy'Abalewi bivuze n'ukuntu byashyirwa mu bikorwa mu buzima bwacu muri iki gihe.

"Byari bikwiriye ko tugira Umutambyi mukuru umeze atyo wera, utagira uburiganya, utandura, watandukanijwe n'abanyabyaha kandi washyizwe hejuru y'amajuru, utagomba iminsi yose nka ba batambyi bakuru bandi kubanza kwitambirira ibitambo by'ibyaha bye ubwe, hanyuma ngo abone uko abitambirira abandi kuko ibyo yabikoze rimwe ngo bibe bihagije iteka ubwo yitambaga." Ababeburayo 7:27

Igitabo cy'Abalewi, iki gitabo cyifashishwa n'umutambyi, gishyirwa mu bice bitandukanye. Ibice 1-7 bibwira umutambyi icyo agomba gukora igihe ategura ibitambo, ariko binatubwira icyo ibi bitambo bisobanuye. Mu bice bya 8-10, hibandwa ku bagaragu, abatambyi ubwabo. Amabwiriza ari muri ibi bice asobanura neza uko abatambyi bagombaga kuba bameze ndetse n'indangagaciro bagombaga kugira. Hari ukuri kwinshi dusanga muri ibi bice kuko gusohorezwa muri Yesu Kristo.

Igice cy'ingenzi cyane cy'iki gitabo gisangwa mu bice 11-22, ahavugwa "ukwezwa" k'ubwoko bw'Imana. Ihema ry'ibonaniro n'abatambyi bahakoreraga umurimo byari ijwi ry'Imana ribwira isi yose ko abatoranijwe n'Imana bari ubwoko bwera kuko Imana yabo yera. Igishimangirwa muri ibi bice ni uko aba bantu batoranirijwe kugira itandukanro n'andi moko.

Ibice bya 23-15 bivuga "imirimo yakorwaga." Imyizerere y'Abayuda igira iminsi yejejwe myinshi, kandi yose yanditse mu bitabo bitanu bya mbere bya Bibiliya. Ubwo Abatambyi ari bo bagomba kuyobora imihango y'iyo minsi mikuru n'ibi birori byejejwe, bagomba guhabwa amabwiriza y'ukuntu bikorwa. Iyo ugeze muri ibi bice byo mu gitabo cy'Abalewi, ujye wibaza iki kibazo uti: Ni iki Imana yashakaga ko abatambyi bibuka iyo yashyiragaho umunsi wejejwe? Nurangiza wibaze ni iki uti: Kuki Imana yashakaga ko abatambyi bibuka ibi bintu?

Ibice bibiri bya nyuma by'igitabo cy'Abalewi byakwitwa "kumanika amaboko watsinzwe." Ibitabo bya Abalewi, Gutegeka kwa Kabiri, na Yosuwa byose bisoza bikangurira ubwoko bw'Imana kumvira amategeko y'Imana no kuba ubwoko bwera. Ubwoko bw'Imana bwari bwaracunguwe

ndetse bwarakijijwe kugira ngo bugire itandukaniro ku yandi mahanga yari abazengurutse.

1. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Abantu benshi bakunda ibyanditswe by'ibisekuruza n'ibitambo kimwe n'ibindi byanditswe byo muri Bibiliya byose.
2. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Igitabo cy'Abalewi cyagize akamaro igihe bari mu butayu ariko twebwe ntacyo cyadufasha muri iki gihe.
3. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Imana irashaka ko twibuka ko turi "abera" kandi ibi bivuze ko nta cyaha cyangwa ikosa dukora.

Cyeretse bihinduwe, naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe cya buri kibazo.

4. Intego y'ibitambo byatambwaga n'abatambyi yasohojwe ryari?
   a. Ubwo Abisirayeli bageraga mu gihugu cy'amasezerano.
   b. Ubwo urusengero rw'Iyerusalemu rwubakagwa.
   c. Ubwo Yesu Kristo yapfiraga ku musaraba
   d. Ntabwo irasohozwa n'ubu.
5. Kuki Abisirayeli bitwaga abera?
   a. Kuko bari ubwoko bw'Imana.
   b. Kuko bitondeye amategeko yose neza.
   c. Kuko Imana yabatandukanije cyane n'abandi bantu.
   d. Kuko bari barize kandi bazi byinshi.
6. Kuki imana yaremye iminsi mikuru cyangwa yejejwe?
   a. Imana yashakaga ko yazajya igenderera ubwoko bwayo ku minsi mikeya idasanzwe.
   b. Yashakaga ko bibuka ibyo yabakoreye.
   c. Ni uko yashakaga ko bagira iminsi yo kuruhuka.
   d. Yashakaga ko baba abanyadini cyane kurusha abandi bantu.
7. Kuki iyo umuntu yazanaga itungo ryo gutamba yagombaga gushyira ukuboko kwe ku mutwe w'iryo tungo?
   a. Kuko umutwe ari wo wagombaga gutambwa gusa.
   b. Umutwe wabaga uhagarariye ubugingo bw'iryo tungo.
   c. Nta wuzi impamvu. Bibiliya ntacyo ibivugaho.
   d. Byabaga ari ikimenyetso cyo gushyira ibyaha bye kuri iryo tungo, maze rigapfa mu cyimbo cye rikamubera incungu.
8. Soma Yesaya 53:6. Ni iki ubu buhanuzi buvuga ku byaha

byacu? (Hitamo ibyo ubona ko ari ukuri byose).

a. Ntabwo byababarirwa.
b. Twese turi abanyabyaha.
c. Imana itubabarira ibyaha byacu byose iyo tubitangiye ikiguzi gihagije.
d. Imana yashyize ibyaha byacu byose kuri Yesu Kristo maze imugira igitambo.

9. Kuki abatambyi basigaga amaraso y'igitambo ku gutwi kwabo kw'iburyo, ku kuboko, no ku kirenge?
   a. Kuko babaga bahanirwa ibyo bumvise, ibyo bakoze, n'aho bagiye.
   b. Kugaragaza ko abantu ari 50% beza na 50% babi.
   c. Kubibutsa ko ibyo bumvise, ibyo bakoze, n'aho bagiye byose byagomba kuba ari ibyera imbere y'Imana.
   d. Kugira ngo abantu boshobore kumenya abari abatambyi.

> "*Twese twayobye nk'intama zizimiye, twese twabaye intatane, Uwiteka amushyira gukiranirwa kwacu twese*." Yesaya 53:6

10. Iyo umubembe yakiraga, umutambyi yakoraga umuhango aho inyoni yashyirwaga mu maraso maze yarangiza akayirekura ikagenda. Kuki yabigenzaga atya?
    a. Kuko amaraso yari ikimenyetso cy'ibibembe n'urupfu.
    b. Kuko umubembe yagombaga kwishyurira gukira kwe akoresheje igitambo.
    c. Byashushanya ko ababembe bagomba kujya kure y'abantu nk'uko inyoni isimbuka ikagenda.
    d. Byabaga bigaragaza ubutumwa bwiza, urupfu no kuzuka kwa Yesu ari byo bidukiza.
11. Ibibwiriza bya Mose byabaga bigizwe na _____.
    a. Inyigisho
    b. Gukomezwa
    c. Ubuhanuzi
    d. Ibi byose
12. Igitabo cy'Abalewi kirimo amabwiriza y'Imana y' _____. (Hitamo ibyo ubona ari ukuri byose)
    a. Ibyo kurya na kwezwa cyangwa isuku.
    b. Imibonano mpuzabitsina n'imibanire y'abantu.
    c. Umurimo w'abatambyi.
    d. Ingamba za gisirikare.
    e. Ubuhanga bwo guhinga no korora.
    f. Kuvura indwara.
    g. Guciraho iteka ubumfumu no kubandwa.

"Kwera" wumva bivuze iki, ku bwoko bw'Imana? Ni mu buhe buryo abantu bavuga ko ubuzima bwawe butandukanye n'ubw'abandi kuko ufitanye umubano n'Imana?

_____
_____
_____

Shimira Imana ko nawe uri mu bwoko bwayo, ko wababariwe ibyaha kandi ukaba waratoranyijwe ngo uyikunde ndetse uyikorere. Saba Imana kukwereka uko ishaka kugukoresha mu migambo yayo myiza.

Kujya Imuhengeri

1. Ni butumwa ki Imana iba itubwira iyo ishyize igitabo cy'Abalewi iruhande rw'igitabo cyo Kuva?

_____
_____
_____

2. Ni kuri ki kwashushanywaga iyo umunyabyaha yategekwaga gushyira ukuboko kwe ku mutwe w'umwana w'intamba watambirwaga ibyaha bye? (Soma Yesaya 53:5,6; 1 Petero 2: 24, 25; 2 Abakorinto 5:21)

_____
_____
_____

3. Sobanura uko umuhango wo kwezwa k'umubembe wasuraga urupfu no kuzuka kwa Yesu Kristo. (Abalewi 14:1-9)

_____
_____
_____

4. Kuki Imana yashyizeho iminsi mikuru cyangwa yejejwe myishi? Ni iki iyi minsi mikuru yahagarariraga?

_____
_____
_____

5. Kuki abatambyi bategekwaga gusiga amaraso y'igitambo ku gutwi kwabo kw'iburyo, ku kuboko no ku kirenge? Ni butumwa ki twakura muri ibi byanditswe tukabushyira u bikorwa mu buzima bwacu muri iki gihe?

_____
_____
_____

6. Sanisha aya mabwiriza yose yo kuvura indwara ku guha akato no gukingira kugira ngo dukumire gukwirakwira kw'indwara zandura. Mbese Mose yari siyanse icyo gihe, imyaka myishi cyera, cyangwa ni ihishurirwa yahawe n'Imana?

_____
_____
_____

7. Mbese kwamagana ubutinganyi n'ibyaha by'ubusambanyi,

hamwe no kubuzwa guterekera no kubandwa, byaba hari icyo bibwira ubwoko bw'Imana bwo muri iki gihe?

_____

_____

_____

Urwego rwo Gufata Icyemezo

Igice cya 4
Inyigisho y'Amajwi: Isomo rya 18 ry'Isesngura ry'Isezerano rya Kera.

Intego: Gutangira igitabo cyo Kubara no kumenya uko amateka ya Isirayeli yo mu butayu yatubera ikimenyetso kitwigisha inyigisho zo mu mwuka.

"Bene Data, sinshaka ko mutamenya yuko basogokuruza bose bari munsi ya cya gicu, kandi yuko bose baciye mu nyanja yigabanije.... Ariko abenshi muri bo Imana ntiyabashimye, ni cyo cyatumye barimbukira mu butayu. Ariko ibyo byababereyeho kugira ngo bitubera akabarore, ngo tutifuza ibibi nk'uko bo babyifuje." 1 Abakorinto 10:1, 5-6

Igitabo cyo Kubara gikomeza inkuru ihera mu Itangiriro, igakomereza mu Kuva, iyo nkuru iza guhagarikwa gake ubwo Imana yahaga Mose igitabo cya gahunda yo kubaka ihema ry'ibonaniro ryo mu butayu, igitabo cy'Abalewi. Nyuma yaho ubwoko bwa Isirayeli bubohoreye muri Egiputa mu buryo bw'ibitangaza, bagombaga kwambuka ubutayu bakabona kugera mu gihugu cyasezeranijwe, igihugu cya Kanani. Igitabo cyo Kubara kitubwira ko batavuye muri Egiputa bagahita bajya i Kanani. Ahubwo bakomeje kuzenguruka mu butayu kumara imyaka 40!

Aka gace k'amateka katubera ikimenyetso kitubwira ku mibanire ya benshi biyita abizera Imana. Imana yababariye ibyaha byabo, ariko ibyaha byabo byarayibabaje cyane. Ni nako bimeze ku Bakristo. Hari byinshi bigize ubuzima bwa Kristo birenzekubabarirwa gusa. Twararemwe, ndetse turemwa bushya binyuze mu gakiza twahawe, kugira ngo duheshe Imana icyubahiro tuyikorera ndetse twinjira mu yaduteguriye byose. Ahubwo icyo abantu benshi bakora ni ukuzenguruka mu

nziga zo kutizera, gutenguhwa, no kuvangirwa. Barababaye, nta cyo gukora bafite, ntabwo banyuzwe, andetse ntabwo bagera ku ntego zabo. Ntabwo bigeze binjira mu “Gihugu Basezeranijwe” cy’ubugingo bwinshi mu Isezerano Rishya. Ighugu cyasezeranijwe cy’i Kanani ni ishusho y’ubu buzima bwiza buvugwa mu Isezerano Rishya buhabwa ukijijwe wese.

Igitabo cyo Kubara kiswe iri rizina kirikuye mu ibarura ry’Abaheburayo ryabaye inshuro ebyiri nk’uko byanditse muri icyo gitabo.



Amabwiriza atwibutsa uko tugomba gusoma ibyanditswe byera:

- Tangira gusoma ushaka ukuri kw’Imana - Yohana17:17.
- Tangira gusoma ushaka kumvira ijambo ry’Imana - Yohana7:17.
- Shakisha ingero n’imbuzi zo mu buzima bwacu.

Ukomeze kwibaza ibi bibazo igihe cyose turimo kwiga iri jambo ry’Imana: Ibi bivuze? Ibi bisobanuye iki? Ibi jyewe bimbwiye iki? Cyagwa, mu yandi magambo, ni gute nabishyira mu bikorwa mu buzima bwanjye?

“*Indunduro y’ijambo ryawe ryose ni ukuri...*” —Zaburi 119:160

1. Ni ukuri cyangwa si ukur? Abisiriyaeli bavuye muri Egiputa barakomeje bajya mu Gihugu Cyasezeranijwe, batagize aho bahagarara.

2. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Igihugu Cyasezeranijwe ni ishusho cyangwa ikimenyetso cy'ubugingo budashira.
3. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Nta muntu Imana ijya ibwira ko yakererewe gukurikira umuhamgaro wayo ku buzima bwe.

Cyeretse nibisabwa, naho ubundi urasabwa gutanga igisubizo kimwe kuri buri kibazo.

4. Mbese kuzenguruka kw'Abisirayeli mu butayu hari icyo bitubwira twebwe ab'iki gihe?
   a. Ni urugero rwiza rw'ubuzima bwacu iyo dufite ukwizera, amahoro, no kumvira.
   b. Ni urugero rwiza rw'ubuzima bwacu iyo dufite ubwoba, gushidikanya, no kutumvira.
   c. Bisobanuye ko tutabona ubugingo buhoraho tutabanje kumara igihe kirekire turi Abakristo.
   d. Imana ishaka ko buri muntu amara igihe kirere mu butayu yiga.

5. Igitabo cyo kubara kirimo ukuri bwoko ki?
   a) Amateka
   b) Ibimenyetso
   c) Byombi
   d) Nta na kimwe
6. Mu gitabo cyo Kubara harimo ibarura ry'abantu ry'inshuro zingahe?
   a) Nta ririmo
   b) Imwe
   c) Ebyiri
   d) Icumi
7. Ni iki cyabaye hagati y'ibarura rya mbere n'irya kabiri?
   a) Urupfu rw'urubyaro rwose
   b) Urupfu rwa Mose
   c) Kwinjira mi Gihugu Cyasezeranijwe
   d) Intambara n'Abanyegiputa.
8. Kuki byafashe Abisirayeli iminsi 40 kugenza urugendo ubundi rugendwa iminsi 11 gusa?
   a. Igihugu Cyasezeranijwe cyari cyuzuye abandi bantu
   b. Baracumuye kandi ntibizera Imana.
   c. Imana yagendaga ibazengurutsa.
   d. Byose hamwe.
9. Twinjira dute mu "Gihugu Twasezeranijwe"?
   a. Twamaze kukigeramo ubwo dukijijwe.
   b. Tujyanwamo no gushimwa kuko twakoze imirimo myiza.
   c. Twubahiriza imihango y'Imana yose.
   d. Twizera Imana maze tukiyemeza gukurikira umugambi wayo ku bugingo bwacu.
10. Ni ibihe muri ibi bintu tugomba kugira kugira dushobore kubona ibyiza Imana yageneye ubugingo bwacu? (Hitamo ibyo ubona byose ko ari ukuri)
    a. Kutihangana b. Kwizera
    c. Kwitotomba d. Kumvira
    e. Kwisuzugura f. Gukomera

g. Ibyiringo h. Kwiringira

Mbese urimo kuzenguruka mu butayu cyangwa wageze mu Gihugu Wasezeranijwe? Utekereza ko Imana ishaka ko ukora iki kugira ngo kugira ngo winjire mu gihugu Wasezeranijwe?

_____
_____
_____

Shimira Imana ko yagukuye mu bubata n'uburetwa bw'ibyaha ubwo yaguhaga agakiza. Saba Imana kugira ngo ikuyobore mu mugambi wayo ku buzima bwawe, ikuyobore mu "Gihugu Cyasezeranijwe."

Kujya Imuhengeri

1. Vuga ikimenyetso gihera mu gitabo cyo Kuva kigakomereza mu gitabo cyo Kubara.

   _____

   _____

2. Ni gikorwa ki cy'impanuka kigaragara cyane mu gitabo cyo Kubara?

   _____
   _____
   _____

3. Imana y'urukundo no gupfa k'urubyaro rwose ni iki bitubwira kuri kamere y'Imana?

   _____
   _____
   _____

4. Wowe nk'umuntu wizera Imana, ni butumwa ki ukura mu kuba ubwoko bwa Isirayeli bwaramaze imyaka 40 mu rugendo rw'i Kanani kandi ubundi ari urugendo rw'iminsi 11.

   _____
   _____
   _____

5. Vuga ibihe byo mu buzima bwawe bw'urugendo brw'agakiza wakwita ibihe byo "guhitamo".

   _____
   _____
   _____

6. Kuki ubwoko bw'Imaa bwari bufite ubwoba bwo kwinjira mu gihugu cy'i Kanani?

   _____
   _____
   _____

7. Mbese ubona urimo kujya mu "Gihugu Wasezeranijwe" (ubayeho ubuzima bwa Kristo), cyangwa urimo

kuzenguruka gusa. Sobanura

_____
_____
_____

Kumenya Ibimenyetso

Igice cya 5
Inyigisho y'Amajwi: Isomo rya 19 ry'Isesengura ry'Isezerano rya Kera.

Intego: Kumenya ibimenyetso biri mu gitabo cyo Kubara no kumenya uko byashyirwa mu bikorwa mu buzima bwacu.

"*Ariko ibyo byababereyeho kugira ngo bitubere akabarore, ngo tutifuza ibibi nk'uko bo babyifuje....Ibyo byababereyeho kutubera akabarore, kandi byandikiwe kuduhugura twebwe abasohoreweho n'imperuka y'ibihe*."
1 Abakorinto 10:6, 11

Igitabo cyo kubara cyuzuyemo amashusho asura ibindi bintu n'ibimenyetso. Ni amateka nyayo, kandi Imana irashaka gukoresha ibintu byabaye ku bwoko bwayo kugaragaza imigambi yayo n'ubushake bwayo ku bugingo bwacu. Intumwa Pawulo yanditse ko tugomba gushaka ingero n'imbuzi nitujya dusoma mu bitabo bya Bibiliya bya mateka.

Kumwanywa igicu cyatwikiraga ihema ry'ibonaniro ryo mu butayu, maze igicu cyakwimuka abantu bakagikurikira. Nijoro cyagiraga ishusho y'umuriro. Iki gitangaza gishushanya kuyoborwa n'Imana, umurimo w'Umwuka Wera muri twe, n'amavuta y'Umwuka Wera kuri twe. Nitwizera kandi tugasaba imigisha yose Imana idufitiye kandi tukemera ubushake bwayo bwiza kandi butunganye ifite ku buzima bwacu, ubwo nibwo yatuyobora mu Gihugu cyacu cyo mu mwuka Twasezeranijwe. Yadushyira ibintu ku mutima maze ikatuyobora mu bushake bwayo nyabwo ifitiye ubuzima bwacu. Ariko nitutizera, ntabwo tuzabona Igihugu cyacu cyo mu mwuka twasezeranijwe.

Inkuru nyishi zo mu gitabo cyo Kubara zigaragaza kutizera kwa Isirayeli. Abenshi mu batasi bagiye gutata igihugu cy'i Kanani batewe ubwoba n'abantu bahabonye kugeza ubwo bashidikanyije ko Imana yabajyana mu Gihugu Cyasezeranijwe, nubwo bose batanze raporo nziza kuri icyo gihugu. Imana ntabwo yemereye abo bantu ko bajya muri icyo gihugu maze ibazengurukisha mu butayu kugeza ubwo bose

bapfuye uretse babiri bonyine.

Abisirayeli bari mu butayu abantu bitotombeye cyane ibyokurya Imana yari yabahaye ndetse bitotombera n'ubuyobozi bwa Mose. Imana yohereje inzoka zirya abitotombaga, maze ibwira Mose gushyira hejuru inzoka y'icyuma cy'umuringa kugira ngo bayirebe maze bakire. Abayirebye kandi bakizera barakize, ariko abatarabikoze barapfuye. Izi nkuru zigaragaza uko Imana ibabazwa no kwitotomba no kutizera.

1. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Imana iduhatira gukora icyo ishaka ko dukora. Nta mahitamo tugira.
2. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Kutizera kwacu kwatuma Imana itadukoresha ibyo ishaka kudukoresha.

Cyeretse nibihindurwa, naho ubundi urasabwa guhitami igisubizo kimwe cya buri kibazo.

3. "Urwego rwo guhitamo" rwigishwa mu gitabo cyo Kubara ni iki?
   a. Ni igihe mu buzima bw'umuntu aho agomba guhitamo kumvira Imana cyangwa kutayumvira.
   b. Hari ahantu hasi mu ihema ry'ibonaniro aho abantu bajyaga bakunda bajya.
   c. Ni Ukwiyemeza umuntu yagiraga ko kuba umutambyi
   d. Yari imyaka urubyiruko rwAbisirayeli bagezaga bagahitamo kujya kurwana intambara z'igihugu.
4. Igicu cyatwikiraga ihema ry'ibonair cyari iki?
   a. Cyari ikimenyetso cy'umujinya w'Imana
   b. Cyari umwotsi waturukaga mu bitambo byose.
   c. Cyari ukubaho kw'Imana kugaragara.
   d. Cyari ijambo ryakoreshwaga bitewe n'abant benshi bajyaga mu ihema.
5. Ijambo ry'Igiheburayo "manna" risobanuye iki?
   a. "Umutsima uturutse mu ijuru."
   b. "Ikime"
   c. "Imana izaduha ibyo dukennye."
   d. "Ni iki?"
6. Egiputa ni ikimeyetso cy'iki?
   a. Ubutunzi bwose Imana ishaka ko tugira.
   b. Ubuzima bwacu bwa cyera bw'ibyaha.
   c. Idini ry'ibinyoma.
   d. Igihugu cyasezeranijwe.
7. Soma Zaburi 106:15. Ni hame ki twakwiga muri uyu

murongo w'icyanditswe?

a. Ko Imana ihora itubuza gukora ibyo twifuza.
b. Hari ubwo Imana izaduhaa ibyifuzo byacu bibi, ariko ntabwo bizaduteza imbere.
c. Imana ihora iduha ibyo twifuza byose, nubwo byatugirira nabi.
d. Tujye duhora dusaba ibyo dushaka nubwo byaba ari bibi.

"*Ibaha ibyo bayisabye, ariko imitima yabo iyishyiramo konda."* Zaburi 106:15

8. Kuki Imana yarakajwe n'uko bamwe mu Bisirayeli bashakaga gusubira muri Egiputa?
   a. Yari yarahuye n'ibibazo byinshi kugira ngo ibabojore muri Egiputa.
   b. Yari ifite ishyari kuko Egiputa yari nzinza cyane kuruta Igihugu Cyasezeranijwe.
   c. Barimo kurarikira ubuzima bwabo bwa kera bw'ibyaha.
   d. Yari bukorwe n'isoni iyo Abanyegiputa babona Abisirayeli basubiyeyo.
9. Imana yakoze iki ubwo Abisirayeli bitotombaga? (Hitamo ibyo ubona byose ko ari ukuri)
   a. Yavuze ko ari nta kibazo basubira muri Egiputa.
   b. Yabaterereje inzoka zirya abitotombye bose.
   c. Yarababariye kuko ari Imana y'imbabazi.
   d. Yabakijije urupfu nyuma yo kureba inzoka y'umuringa.
10. Ni bangahe mu batasi 12 bagarukanye inkuru nziza y'ukuntu Igihugu cyasezeranijwe ari cyiza how good?
    a) Nta n'umwe
    b) Babiri
    c) Icumi
    d) Bose
11. Ni bangahe mu batasi cumi bagarutse iwabo bizeye ko Imana irusha imbaraga abantu babonye mu Gihugu Cyasezeranijwe?
    a. Nta n'umwe
    b. Babiri
    c. Icumi
    d. Bose
12. Ni iki abaenshi mu batasi bavuze ku Gihugu Cyasezeranijwe?
    a. Bvuze ko atari cyiza.
    b. Bavuze ko ari cyiza ariko badashoboye kugifata.
    c. Bavuze ko ari cyiza kandi bagifata Imana ibafashije.
    d. Bavuze ko ari cyiza kandi bagifata nubwo Imana itabafasha.
13. Ubwo Imana yarekaga urubyaro rwose rugapfira mu butayu uretse Kalebu na Yosuwa, yarimo kuduha butumwa ki twebwe abo muri iki gihe?
    a. Yatubwiraga ko ihana abantu batayizera.
    b. Yatubwiraga ko bigoye kuyishimisha.
    c. Yatubwiraga ko abantu babiri gusa muri miliyoni ebyri z'abantu ari bo bazabona amasezerano y'Imana.
    d. Yatubwiraga ko abantu babiri gusa bafite ukwizera ari ab'agaciro kuri yo kurusha miliyoni ebyiri z'abantu.
14. Soma Yohana 3:14-15. Ni gikorwa ki cyo mu buzima bwa Mose cyaranzwe na Mose ashyira hejuru inzoka y'umuringa kugira ngo abayibona bakire umuvumo?
    a. Kugeragezwa kwe

b. Kubatizwa kwe
c. Kubambwa kwe
d. Kuzamurwa mu ijuru kwe

"*Kandi nk'uko Mose yamanitse inzoka mu butayu, ni ko Umwana w'umuntu akwiriye kumanikwa, kugira ngo umwizera wese abone guhabwa ubugingo buhoraho."* Yohana 3:14-15

Ujya ugira ikibazo cyo kwitotomba no kugononwa? Ujya ugira ikibazo cyo kutizera cyangwa gushidikanya Imana? Ni hehe ubona mu bugingo bwawe ukeneye kwizera Imana kugira ngo igutabare?

_____
_____
_____

Bwira Imana igihe icyo ari cyo cyose byakugoye kuyiringira. Yibwire ko ushaka kuba umuntu ufite kwizera gukomeye cyane, kandi uyisabe kugira ngo igufashe. Yishimire ibyiza byose yakoze mu bugingo bwawe.

Kujya Imuhengeri

1. Nk'uko byanditse mu gice cya gatatu cy'ubutumwa bwiza bwanditswe na Yohana, Yesu yashyize ate mu bikorwa ibyo byagararagarijwe mu gitabo cyo Kubara? Icyo kimenyetso cyari gisobanuye iki?

   _____
   _____
   _____

2. Mbese kwizera kwawe kugaragazwa n'abatasi cumi babonye ibihangange, cyangwa ukwizera kwa Yosuwa na Kalebu, babonye Umwami bakizera ko yabashoboza gufata Kanani? Sobanura neza igisubizo cyawe.

   _____
   _____
   _____

3. Ni iki cyababaje Imana igihe ubwoko bwa Isirayeli bwifuje Egiputa no kuyisubiramo?

   _____
   _____
   _____

4. Ni iki twiga ku ndangagaciro z'Imana iyo dusomye ko abantu babiri bakuru gusa ari bo bemerewe kwinjira mu Gihugu Cyasezeranijwe cy'Ikanani?

   _____
   _____
   _____

5. Ni iki twiga muri iki gitabo cyerekeye ku kuntu Imana

itugenza iyo twanze gukora ubushake bwayo? (Soma Zaburi 106:15)

_____
_____
_____

6. Ukuri ukuri mu gicu cyatwikiraga ihema ry'ibonaniro kumanywa n'inkingi y'umuriro ya ninjoro ugushyira ute mu bikorwa mu buzima bwawe?

_____
_____
_____

7. Washyire ute mu bikorwa mu buzima bwawe ubutumwa bw'uko
   a. Imana yarohereje inzako zikarya abitotombyi?
      _____
   b. Imana yaragaburiye manu ubwko bwayo?
      _____
   c. Imana yaragororeye kwizera?
      _____
   d. Imana yararakariye abatarizeye?
      _____

Igihamya cyo Kunanirwa

Igice cya 6
Inyigisho y'Amajwi: Isomo rya 20 ry'Isesengura ry'isezerano rya Kera

Intego: Kwigira ku buzima bwa Mose no kumenya icyatumye Imana ikoresha Mose.

"Uwiteka abwira Mose na Aroni ati "kuko mutanyizeye ngo mwerekane kwera kwanjye mu maso y'Abisirayeli, ntimuzajyana iri teraniro mu gihugu mbahaye." Numbers 20:12

"Iyo ntebe yari igoswe n'izindi ntebe makumyabiri n'enye. Kuri izo ntebe mbona abakuru makumyabiri na bane bicayeho bambaye imyenda yera, no ku mitwe yabo bari bambaye amakamba y'izahabu." Ibyahishuwe 4:11

Birababaje kumenya ko Mose yabujijwe kwinjira mu Gihugu Cyasezeranijwe. Icyaha Mose yakoze ni kimwe mu bwiru bwo mu gitabo cyo Kubara. Imana niyo igena ibikwiriye, kandi urwego ishakaho abayobozi ni rurereru cyane kuruta urw'abantu basanzwe. Mose yakoze icyaha kimwe cyatumye Imana adahabwa icyubahiro mu bantu. Imana yari yarabwiye Mose ko izabana nawe igihe cyose ndetse imubwira ko ari we izakoresha mu gitangaza gikomeye cyane cyo gucungura Abisirayeli. Ariko Mose aza kubaza abantu arakaye ati, *"Nimwumve mwa bagome mwe: muri iki gitare twabakuriramo amazi"?* (Numbers 20:10) Yihaye icyubahiro kubw'icyo gitangaza.

Mu yindi nkuru y'ingenzi cyane ivuga kuri Mose, tuhabona ko n'abantu Imana yakoresheje ibikomeye bagera aho bakaruha mu mubiri, mu marangamutima, no mu mutwe. Birasanzwe ko n'abantu bizera Imana bagira umunaniro utewe no gukorera Imana, ariko ntitugomba kureka kuyikorera.

Ubuzima bwa Mose bugaragaza ko Imana yishimira gukoresha abantu boroheje ariko bitanze ngo ibakoreshe, maze ibakoresha ibintu batangaje cyane. Imbere y'Imana ubushobozi bukomeye cyane ni ukuyiha ngo igukoreshe. Mu Kubara tuhabona gukomera kwa Mose, "kunanirwa" kwa Mose, n'icyaha cya Mose. Ariko Imana yakoresheje Mose kuko yitanze ngo imukoreshe. Natwe Imana irashaka kudukoresha ariko ari uko tuyihaye cyangwa twitanze ngo idukoreshe.

1. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Iyo mu gitabo cyo kubara hatubwiye ko Mose "Yacaga Bugufi," mbese byaba bivuze ko yari umunyantege nke?
2. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Mose yari yarize imiterere y'Imana kandi yashakaga kuyumvira no gukora uushake bwayo.
3. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Imana ifitiye urwego rumwe ishakaho abayobozi n'abandi bantu basanzwe?

Cyeretse nibihindurwa naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe kuri buri kibazo.

4. Imana yavugana ite na Mose?
   a. Mu ibanga
   b. Hejuru y'imisozi gusa
   c. Kenshi cyane
   d. Imbona nkubone.
5. Imana yasezeranije iki Mose?
   a. Kurimbura Isirayeli maze igatangira ishyanga rishya riturutse muri Mose.
   b. Kwimika Mose akaba umwami w'iteka ryose.
   c. Gusubiza Isirayeli muri Egiputa.
   d. Gutuma Isirayeli yumvira ubutigera bitotomba ukundi.
6. Kuki Mose atageze mu Gihugu Cyasezeranijwe?
   a. Yarashaje cyane.
   b. Yasubiye muri Egiputa.
   c. Yaracumuye maze Imana ntiyamwemerera kugerayo.
   d. Hari ahandi heza yabonye yigiriye mbere yuko agera Kanani.
7. Kuki icyaha cya Mose cyarakaje Imana?
   a. Mose yanze kumvira Imana ubwo yakubitaga kabiri ku rutare aho kurubwir agusa.
   b. Mose ntabwo yubahishije Imana mu magambo ye yabwiye Isirayeli arakaye.
   c. Imana yari ifitiye Mose urwego rurerure kuko yo na Mose bari bafitanye umubano ukomeye kurusha abandi bose.
   d. Ibi byose.

8. Mose amaze kunanirwa kwita ku bantu bose, Imana yamubwiye iki?
    a. Kumvira yaba abishaka, cyangwa atabishaka.
    b. Gushaka abantu bamufasha.
    c. Gufata akaruhuko yarangiza agasubira mu kazi.
    d. Ko abantu bizera Imana batagomba kuruha no kunanirwa.
9. Imana yavuganye ite na Balamu?
    a. Mu ijwi rini cyane nk'iryinkuba.
    b. Ikoresheje indogobe.
    c. Ikoresheje Bibiliya.
    d. Ikoresheje inshuti ze.
10. Ni bantu ki Imana itoranya ngo ikoreshe?
    a. Abafite ubushobozi buhanitse gusa.
    b. Abatajya bakora amakosa bonyine.
    c. Abanyacyubahiro gusa.
    d. Umuntu wese uyizera kandi akayiha ngo imukoreshe.

Mbese Imana waba warayihaye ngo igukoreshe? Hari icyo wibuka Imana yakubwiye gukora? Niba gihari, ni iki?

_____
_____
_____

Shimira Imana ubwizerwa bwayo ku buzima bwawe, ndetse uyibwire uko uhora wifuza kuyibera uwizerwa. Yiyegurire burundu nk'umugaragu umaramarije gukora ubushake bwayo. Maze uyibwire ko ari Umwami wawe n'Imana yawe kandi uyibwire ko uzahora uyiha icyubahiro cyose n'ikuzo n'ubushobozi ku buzima bwawe.

Kujya Imuhengeri

1. Ni gute umuntu uzwi nk'umukozi w'Imana ukomeye cyane mu babayeho, Mose yaba yararushye? (Soma Kubara 11) Itandukaniro ryo kuruha mu mubiri no kurushywa no gucibwa intege n'akazi cyangwa imibereho ni irihe?

    _____
    _____
    _____

2. Kuki icyaha cya Mose cyari gikomeye cyane ku buryo Imana itamwemerera kuyobora ubwoko bwayo mu Gihugu Cyasezeranijwe? (Mose yakubitishije urutare inkoni ye kandi yari yabwiwe kurubwira. Yarababwiye ati: "Muri iki gitare twabakuriramo amazi?")

    _____
    _____
    _____

3. Mose yigeze yitotombera umwanzuro Imana yafashe bitewe n'icyaha cye? Niba ari byo, bisobanure.

    _____
    _____
    _____

4. Mu isengesho Mose yasenze mu Kubara 11 ubwo yasabaga Imana ngo imwice, Imana yabigenje ite? Iyo dusabye

Imana ibidakwiriye, mbese Imana iduha ibikwiriye iyo imitima yacu ikiranutse? (Bisanishe na Abaroma 8:26-28)

_____
_____
_____

5. Mbese bivuze iki iyo dusomye ahanditse ngo Mose yavuganaga n'Imana imbona nkubone?

_____
_____
_____

6. Mbese ubushobozi bukomeye cyane Mose yari afite ni ubuhe?

_____
_____
_____

7. Ubutumwa dukura muri iyi nkuru y'Imana kuvugira mu ifarashi ndetse tukaba twabushyira mu bikorwa mu buzima bwacu, ni ubuhe?

_____
_____
_____

Kurera Bakura

Igice cya 7

Inyigisho y'Amajwi: Isomo rya 21 ry'Isesengura ry'Isezerano rya Kera.

Intego: Gutangira inkomo n'intego by'igitabo cyo Gutegeka kwa Kabiri.

"Umva wa bwoko bw'Abisirayeli we, Uwiteka Imana yacu ni we Uwiteka wenyine. Ukundishe Uwiteka Imana umutima wawe wose n'ubugingo bwawe bwose n'imbaraga zawe zose. Aya mategeko ngutegeka uyu munsi ahore ku mutima wawe. Ujye ugira umwete wo kuyigisha abana bawe, ujye uyavuga wicaye mu nzu yawe, n'uko ugenda mu nzira n'uko uryamye n'uko ubyutse." (Gutegeka kwa Kabiri 6:4-7)

Ijambo "Gutegeka kwa Kabiri" rivuze gusubizaho amategeko. Ariko igitabo cyo Gutegeka kwa Kabiri kirenze no gusubizaho amategeko gusa. Iki gitabo cy'Amategeko cyahumetswe n'Umwuka w'Imana ni ishyira mu bikorwa ry'Amategeko y'Imana mu rubyaro rwa kabiri ry'ubwoko bwatoranyijwe n'Imana. Iki gitabo ni n'ihuriro ry'ibibwiriza byiza Mose yabwirije Abisirayeli mbere yuko bambuka Yorodani bagatera Kanani.

Iyo abizera Imana bafashe umwanzuro wo kudakomeza kuzengurukira ahantu hamwe ahubwo bagahaguruka bagasingira ibyabo Imana yabageneye, abo nibo baba biteguye

gusoma igitabo cyo Gutegeka kwa Kabiri. Iki gitabo cyuzuyemo inyigisho z'umuntu ufashe umwanzuro guhemburwa mu buzima bwe bushya bw'agakiza kandi akaba amaramarije gukurikira Yesu.

Igitabo cyo Gutegeka kwa Kabiri kivuga ku kuntu ijambo ry'Imana rihindura ubuzima bw'abantu. Muri kimwe mu bibwiriza bya Mose bikomeye, Mose yashishikarije abana b'urubyaro rwa nyuma ko bageza ijambo ry'Imana ku bana babo nabo. Mu kibwiriza gikomeye cyo mu gutegeka kwa Kabiri 6:4-9, Mose yabwiye Isirayeli yuko Imana yabahamagariye kuba ubwoko bukundisha Imana ubugingo bwabo bwose. Kugira ngo bayereke ko bayikunda, bagombaga kumvira ijambo ryayo. Kandi kugira ngo baryumvire, bagombaga kuba barizi. Mose yabategetse gukundisha Imana ubugingo bwabo bwose, kumenya no kumvira ijambo ry'Imana, ndetse no kwigisha abana babo izo ndangagaciro. Igitabo cyo Gutegeka kwa kabiri kitwigisha icyo bivuze gukunda Imana n''ukuntu tugomba kwigisha abana bacu gukunda Imana.

1. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Ijambo "Gutegeka kwa Kabiri" rivuze "amategeko mashya kandi atandukanye nasanzwe."
2. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Gutegeka kwa Kabiri ni ihuriro ry'ibibwiriza Mose yabwirije ubwoko bw'Imana mbere yuko bambuka bajya mu Gihugu Cyasezeranijwe.
3. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Nta kintu gishya kiri mu gitabo cyo Gutegeka kwa Kabiri.

Cyeretse nibihindurwa, naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe cya buri kibazo.

4. Ni ibiki muri ibi bintu biri mu Gihugu Twasezeranyijwe n'Imana? (Hitamo ibyo ubona ari ukuri byose).
   a. Imigisha
   b. Kutagira umumaro
   c. Impano z'Umwuka
   d. Kwicuza
   e. Gucirwa urubanza mu mutima
   f. Ubugingo buhoraho
   g. Amakimbirane Ahoraho
   h. Intego

5. Igitabo cyo Gutegeka kwa Kabiri cyandkiwe nde?
   a. Abafashe Amategeko y'Imana mu mutwe.
   b. Abumvira Amategeko y'Imana burundu.
   c. Abiteguye kwinjira mu byo Imana yabasezeranyije.
   d. Abatambyi
6. Dushingiye ku Gutegeka kwa Kabiri 6, ubona Imana itwifuzaho iki?
   a. Kumenya ijambo ry'Imana
   b. Kumvira ijambo ry'Imana
   c. Gukunda Imana
   d. Ibi byose
7. Ingingo ennye z'ingenzi zigaragara mu Gutegeka kwa Kabiri zo kwigisha abana ni izihe? (Hitamo ibyo ubona ko ari ukuri byse)
   a. Ijambo ry'Imana
   b. Imihango y'abantu
   c. Kuba umunyenshingano
   d. Uburenganzira bw'abana
   e. Umubano
   f. Ukuri kw'ibintu
   g. Ubumenyi bwo gucuruza n'umurimo
   h. Abatambyi
8. Iyo ushingiye ku ijambo ry'Imana, mbese ubona hari imyitwarire myiza ndakuka yagenwe n'Imana cyangwa umuntu yakwigenera iye?
9. Niba hari imyitwarire ndakuka igenwa n'ijambo ry'Imana, ni iki tugomba kwigisha abana bacu ku kumvira?
   a. Bahitamo kumvira aho babishakira.
   b. Bagomba kumvira gusa igihe tubabwiye ko ari ngombwa.
   c. Bagomba kumvira nyuma yo kubihaniza inshuro ennye.
   d. Bagomba kujya bahita bumvira nyuma yo kubwirwa inshuro imwe gusa.
10. Ni nde ugira inshingano ya mbere yo kwigisha abana inzira z'Uwiteka?
    a. Ababyeyi
    b. Leta
    c. Ikigo cy'amashuri bigaho
    d. Urusengero
11. Ni iki cyahawe ababyeyi ariko bakwegurira abandi?
    a. Inshingano
    b. Ububasha
    c. Byombi
    d. Nta na kimwe muri byo.
12. Ni iki Bibiliya ivuga ku mwanya umugabo agomba kumarana n'abana be?
    a. Ivuga ko ari ngombwa cyane.
    b. Ivuga ko ari ingira kamaro, ariko atari ingenzi.
    c. Ivuga ko atari ngombwa na mba.
    d. Ivuga ko umugabo agomba kumara umwanya we wose akora, atari kumwe n'abana.
13. Abana biga bate indangagaciro z'ababyeyi babo?
    a. Bazigishwa n'ibyo ababyeyi bavuze rimwe.
    b. Bazigishwa n'ibyo ababyeyi bavuze inshuro cumi.
    c. Bazigishwa n'ibyo ababyeyi bakora.
    d. Bazigishwa n'ibyo itorero rikora.
14. Yesu yaravuze ngo (Hitamo ibyo ubona ko ari ukuri byose)
    a. Nyereka ubutunzi bwawe, ndamenya ibyo uha agaciro.
    b. Nyereka uko ukoresha igihe cyawe n'imbaraga zawe, nange ndamenya umutima wawe.

c. Nyereka ibyo uha agaciro ubwo uraba unyeretse umutima wawe.
d. Nyereka ubutunzi bwawe kuko ari nta gaciro bufite.

Kuki wemera ko Imana yahaye ababyeyi inshingano yo kwigisha abana babo kumvira ijambo ry'Imana?

_____
_____
_____

Saba Imana kugira ngo iguhe umutima wumvira kandi ukunda gukora ubushake bwayo. Niba ufite abana, nabo basabire ngo ibahe umutima wumvira ndetse ushaka gukora ubushake bwa Data, kandi uyisabe kuguha ubwenge bwo kubafasha kuyikunda no gukunda ijambo ryayo.

Kujya Imuhengeri

1. Vuga ibihe Mose yabwiririjemo ibibwiriza bikomeye byanditse mu gitabo cyo Gutegeka kwa Kabiri.

_____
_____
_____

2. Kuki ikibwiriza cye cyo mu gice cya 6 (imirongo ya 4-9) gifatwa na benshi ko ari cyo gikomeye cyane mu byabwirijwe na Mose byose?

_____
_____
_____

3. Dushingiye kubyavuzwe na Mose, mbese tubona ko ari nde ugomba kwigisha abana ijambo ryImana? Kuki?

_____
_____
_____

4. Vuga ndetse usobanure infatiro ennye zo kwigisha nk'uko zanditswe na Mose muri iki gitabo. (Kugira Inshingano, Umubano, Guhishurirwa n'Ukuri)

_____
_____
_____

5. Ni iki cyatumye Mose abwiriza iki kibwiriza ndetse agatanga n'aya mabwiriza?

_____
_____
_____

6. Ni gute ababyeyi bigisha abana babo indangagaciro zabo?

_____
_____
_____

7. Ubwo izina ry'iki gitabo risobanuye "Gusubizaho Amategeko y'Imana," inyigisho nyamukuru y'iki gitabo ni

iyihe ndetse ni gute itwereka igituma amategeko y'Imana asubizwaho muri icyo gihe muri iki gitabo?

_____
_____
_____

Kwibuka Ibitangaza

Igice cya 8
Inyigisho y'Amajwi: Isomo rya 22 ry'Isesengura ry'Isezerano rya Kera.

Intego: Kumenya igituma Imana ishaka ko twibuka imirimo yakoze n'ijambo ry'Imana kugira ngo twibuke kuyumvira.

"Nuko wa bwoko bw'Abisirayeli we, ubyumve ubyitondere kugira ngo ubone ibyiza, mwororoke cyane uko Uwiteka Imana y aba sogokuruza banyu yagusezeranije, uri mu gihugu cy'amata n'ubuki. Umva wa bwoko bw'Abisirayeli we, Uwiteka Imana yacu niwe Uwiteka wenyine. Ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose n'ubugingo bwawe bwose n'imbaraga zawe zose." Gutegeka 6:3-5

Mu gitabo cyo Gutegeka cyuzuyemo gushimangira ku kamaro ko kumvira ry'Imana. Iyo Isirayeli yumviraga Amategeko y'Imana, Imana yabahag umugisha. Iyo batumviraga amategeko y'Imana. Iyo batumviraga amategeko y'Imana, ntabwo bahabwaga umugisha w'Imana.

Mose abivuga neza hanyuma akabwiriza ko bagomba kumvira ijambo ry'Imana.

Gutegeka kwa Kabiri ni ibibwiriza byinshi bishyizwe hamwe. Igice cya 5 ni isubiramo ry'Amategeko Cumi ya Mose aho Mose abwira Abaheburayo kugira imitima ikunda Imana ndetse yumvira amategeko y'Imana. Ikibwiriza cya Mose cyo mu gice cya 6 cyabaye kwatura ko kwizera kw'Abayuda kwibanze, kwitwa "Shema," bivuze "kumva" mu rurimi rw'Igiheburayo. Igice cya 8 cyo Gutegeka kwa Kabiri kiduha ikindi kibwiriza cyiza kandi gisobanutse neza kivuga ku kamaro ko kumvira ijambo ry'Imana. Mose yakurikije iki kibwiriza ikindi kibwiriza kivuga ubuntu bw'Imana. Atubwira ko Imana itaduha umugisha kuko turi beza. Imana iduha umugisha kuko yo ari nziza kandi ko idukunda, atari uko tubikwiriye. Ni icyo ijambo "ubuntu" rivuze.

1. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Igitabo cyo Gutegeka kwa Kabiri ni cyo kihagararira amagambo ya nyuma Mose yabwiye Isirayeli.
2. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Birashoboka ko wakwigisha abana ijambo ry'Imana ndetse ugakuza kumvira kwabo kandi mudafitanye umubano.
3. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Borashoboka ko wakwigisha abana bawe kumvira Imana kandi utayumvira ubwawe.

Cyeretse nibihindurwa, naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe cya buri kibazo.

4. Ni iki Mose avuga ku bantu bakunda ndetse bumvira Imana?
   a. Bahawe umugisha.
   b. Baravumwe.
   c. Bateye nk'abandi bose.
   d. Ntabwo bazongera gucumura.
5. Ni ayahe magambo abiri muri aya yose ari ingenzi cyane mu Gutegeka kwa Kabiri? (Hitamo abiri gusa.
   a. Igitambo
   b. Kumvira
   c. Kunesha
   d. Ingororano
   e. Urukundo
6. Ni ikihe muri ibi gisubirwamo mu bice b ibanza byo mu Gutegeka kwa Kabiri?
   a. Inkuru yo kurema
   b. Amategeko cumi y'Imana
   c. Ibyago cumi byo muri Egiputa
   d. Inkuru y'umwuzure wa Nowa.
7. Dushingiye ku byanditswe na Mose, ubona ijambo ry'Imana rigamije iki?
   a. Kutugaragariza amategeko n'amabwiriza
   b. Kutugaragariza uko isi izarangira.
   c. Kutugaragariza uko Imana yatandukanye n'inyoko muntu bitewe n'ibyaha byacu.
   d. Kutwigisha ibyerekeye ubuzima ndetse no kutuyobora mu buzima nyakuri.
8. Abayobozi ba Isirayeli ni hehe bamenyeraga Imana bwa mbere?
   a. Mu ishuri ry'umwihariko
   b. Mu isomer ry'ibitabo
   c. Mu buzima busanzwe
   d. Ku bakurambere babo
9. Abisirayeli babwiwe kugira myumvire ki ku bitangaza by'Imana?
   a. Kubyibagirwa
   b. Kwitotomba igihe cyose iyo bitakomezaga kuba.
   c. Kubyibuka maze bakabibwira abana babo
   d. Guhora basaba ibindi
10. Imana yari ifitanye mubano ki n'ubwoko bwayo?
    a. Isezerano, bimeze nkamasezerano y'ubwumvikane.
    b. Umubano w'umutware n'umuja.
    c. Ubufatanye bungana
    d. Umubano ushingiye ku mihango
11. Mose yabwiye Isirayeli kwitondera amategeko y'Imana anagahe?
    a. Nka 50 ku ijana
    b. Bishobotse 90 ku ijana.
    c. Yose
    d. Ayo umuntu yabonaga ko amworoheye.

12. Ni ryari byoroshye cyane kwibagirwa ijambo ry'Imana?
    a. Iyo ubuzima bwuzuyemo amoshya.
    b. Iyo ufite byinshi kandi utera imbere.
    c. Iyo ukeneye ibisubizo by'ibibazo by'ubuzima
    d. Iyo usoma ijambo ry'Imana

Wasobanura ute isezerano Imana yagiranye na Isirayeli? Wasobanura ute isezerano yagiranye nawe? Wumva ubaye ute iyo umenye ko Imana igukunda kandi ikakubaha nk'umwe mu bana bayo?

_____
_____
_____

Imana ishimwe kubw'urukundo n'ubuntu bwayo. Yibaze uko wayibera umwizerwa. Maze uyisabe kugushoboza kubikora.

Kujya Imuhengeri

1. Sobanura ikibwiriza cya Mose cyo mu mirongo itatu ya mbere y'igice cya 8 cyo Gutegeka kwa KAbiri, aho abwira ubwoko bw'Imana uko Imana yabo yatumye bamenya ijambo ryayo.

   _____
   _____
   _____

2. Vuga ibihe biruhije, ahantu haruhije n'imibereho iruhije aho Uwiteika yatumye umenya ijambo ryayo.

   _____
   _____
   _____

3. Kuki Imana yaduhaye igitabo cyose mu ijambo kidufasha kwibuka, gukunda no kumvira?

   _____
   _____
   _____

4. Iyo wibutse urugendo rwawe rwo kwizera, mbese ubona ibihe byawe byiza cyane byo mu mwuka warabigize igihe warimo gutera imbere, igihe ari nta kibazo wari ufite cyangwa ni igihe warimo kunyura mu bigeragezo ubuzima bugukomereye? Sobanura.

   _____
   _____
   _____

5. Kuki Imana isubiramo ibintu cyane muri Bibiliya? Ni bintu ki Imana isubiramo mu ijambo ryayo? Kuki?

   _____
   _____
   _____

6. Iyo usomye ibyanditswe bya Mose byo mu Gutegeka kwa Kabiri, cyane cyane ku musozi w'icyo gitabo, sobanura uko yavuze ko atazi kuvuga neza cyangwa adasobanura neza

ibyo avuga, ubwo Imana yamuhamagaraga.

_____
_____
_____

7. Kuki Imana iha ababyeyi inshingano yo kurera no kwigisha abana

_____
_____
_____

Ibindi Bibwiriza Bya Mose Bikomeye

Igice cya 9
Inyigisho y'Amajwi: Isomo rya 23 ry'Isesengra ry'Isezerano rya Kera.

Intego: Kumenya ibibwiriza bya Mose bitwigisha uko twakira ubuntu bw'Imana.

"None wa bwoko bw'Abisirayeli we, Uwiteka Imana yawe igushakaho iki? Si ukubaha Uwiteka Imana yawe, ukagenda mu nzira ikuyoboye zose, ukayikunda, ugakoreshereza Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose n'ubugingo bwawe bwose, ukitondera amategeko y'Uwiteka y'uburyo bwose ngutegeka uyu munsi kukuzanira ibyiza?" Gutegeka 10:12-13

Nyuma y'ikibwiriza gikomeye cyo mu Gutegeka 9 Mose yabwirije ku buntu bw'Imana, yabwirije ikindi kibwiriza mu gice cya 10 ku kuntu twakira ubuntu bw'Imana. Imana iradukunda niyo ducitse integer. Nta kintu wakora cyatuma Imana irekera aho kugukunda. Nta cyo Imana idusaba kugira ngo idukunde. Imana ntabwo igukunda kuko uri mwiza cyangwa wakoze ibyiza, kandi ntabwo yabura kugukunda kuko wakoze ibidakwiye. Igishimangirwa hano ntabwo ari ibyo dukora, ahubwo ni ukuntu twakira ubuntu bwayo.

Mose atubwira mu gice cya 13 ibyerekeye gutera Imana umugongo kw'abo batagiha agaciro ubuntu bw'Imana. Gutera Imana umugongo bivuze kuva mu isezerano wagiranye n'Imana. Mose yabwirije ikindi kibwiriza mu gice cya 14 cyerekeye ku cyacumi (guha Imana kimwe mu icumi), bumwe mu buryo bwo gushyira mu bikorwa ubuntu bw'Imana. Gutanga icya cumi bitwigisha ko tugomba guhora dushyira Imana imbere mu bugingo bwacu. Mu gice cya 15, yavuze ku kamaro ko ku gufasha abakene, maze mu gice cya 18, yigisha akoresheje ururimi rukomeye cyane ko Imana yanga ibintu by'ubupfumu nko kurondora, kuvugana n'abapfuye, no gukoresha maji.

Mose nk'umuhanuzi ntabwo yabwiye Isirayeli amategeko y'Imana gusa, ahubwo yanababwiye ejo habo hazaza. Urugero, yababwiye ko hari igihe kizagera bagashaka umwami, kandi Imana izaba icyo bashaka. Yanababwiye iby'umuhanuzi uzaza akabakiza. Imana yari yarabahaye ijambo ryanditse mu buryo bw'igitangaza, ariko yashakaga kubavugisha birenze ibyo iryo jambo ryanditse. Mu rukundo n'imbabazi zayo, Imana yajyaga no kuzavugana nabo ikoresheje umuhanuzi udasanzwe wagombaga kubabera Umuhanuzi, Umutambyi, n'Umwami.

1. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Imana idukundira imirimo myiza dukora.
2. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Tugomba gukunda abandi twirengagije ibyo badukoreye.
3. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Iyo dutanze icya cumi dutuma Imana irushaho kudukunda.

Cyeretse ari uko bihinduwe, naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe kuri buri kibazo.

4. Ubuntu bw'Imana ku bugingo bwacu bushingira kuki?
   a. Ku mirimo myiza yacu
   b. Ku myumvire myiz ayacu
   c. Ku myitwarire myiza yacu
   d. Kuri kamere yacu
5. Tugomba kugira myumvire ki tubitewe n'ubuntu bw'Imana?
   a. Tugomba guhora dufite ubwoba tubitewe nuko tudakiranuka imbere yayo uko bikwiriye.
   b. Tugomba kuba dushize amanga kuko idukunda kandi itubabarira.
   c. Tugomba kubaho tutazi ejo hacu hazaza.
   d. Tugomba guhora twihsimye kuko tuzi yuko imbabazi zayo zihoraho ku bugingo bwacu.
6. Tugomba kwitwara dute ku buntu bw'Imana? (Hitamo ibyo ubona ko ari ukuri byose)
   a. Tugomba guhora dushaka kuyikorera no kuyikunda cyane.
   b. Ntabwo bugomba kuduhindura kuko imana idukunda uko turi.
   c. Tugomba guca bugufi tukifuza kwera no gutoranywa ku bw'umugambi wayo.
   d. Nta buntu bw'Imana dukenera iyo tutacumuye.
   e. Ubuntu bw'Imana butwemerera gukomeza gucumura uko tubyifuza.
7. Imana itekereza iki ku buhenebere (kugwa ntitubeho duhesha imana icyubahiro)?
   a. Ni icyaha kibi cyane.
   b. Birayigora ariko igakomeza kudukunda.
   c. Ubuntu bw'Imana butwikira icyo cyaha ntigikomeze

kuba ikibazo gikomeye.
   d. Imana isezeranya ko itababarira icyo cyaha nubwo umunyabyaha yakwihana.
8. Icya cumi ni ikihe gice cy'imyinjirize yawe?
   a. Icya kabiri
   b. Igice cya rimwe ku ijana
   c. Icumi ku ijana
   d. Icumi ku ijana rya mbere
9. Intego yo gutanga kimwe mu icumi ni iyihe?
   a. Imana ikeneye amafaranga yacu.
   b. Itorero rikeneye amafaranga yacu.
   c. Bitwibutsa gushyira Imana ku mwanya wa mbere muri byose.
   d. Ni inyishyu y'ibyaha byacu
10. Isezerano rya Kera ryigisha iki ku gufasha abatishoboye?
   a. Ko atari ngombwa
   b. Imana igirira impuhwe abakene, natwe tugomba kubagirira impuhwe.
   c. Ko abakene bakwiriye kuguma mu bukene bwabo.
   d. Ko ubukene ari ikimenyetso cyo gukura mu mwuka.

11. Ni tegeko ki Imana yahaye abami ba Isirayeli?
   a. Kugira kopi y'amategeko bakayahorana.
   b. Gufata amategeko mu mutwe.
   c. Amategeko Kurekera abatambyi kuko atafasha abami cyane.
   d. Gutegeka abantu bose bo mu bwami kubahiriza amategeko.
12. Soma Zaburi1:1-3. Ni iki Dawidi yita guhirwa cyangwa kuba umunyamugisha?
   a. Gusoma amategeko y'Imana.
   b. Gukunda amategeko y'Imana.
   c. Gukora ibyo amategeko y'Imana avuga.
   d. Ibi byose.
13. Ni iki Imana itekereza ku bikorwa by'ubupfumu no gushikisha no kuvugana n'abapfuye?
   a. Itegeka ko bikorwa.
   b. Ishishikariza abantu kubikora.
   c. Imana ntabwo ibikunda, ariko irabyihanganira.
   d. Ibyanga urunuka.
14. Kuki Imana idakunda ibikorwa by'ubupfumu no kubandwa?
   a. Ni uko atari ukuri
   b. Kuko Satani ari we soko ya byo
   c. Kuko itazi ibyo ari byo
   d. Kuko bidakora buri gihe

"Hahirwa umuntu udakurikiza imigambi y'ababi, ntahagarare mu nzira y'abanyabyaha, ntiyicarane n'abakobanyi. Ahubwo amategeko y'Uwiteka ni yo yishimira, kandi amategeko ye ni yo yibwira ku manywa na nijoro. Uwo azahwana n'igiti cyatewe hafi y'umugezi, cyera imbuto zacyo igihe cyacyo. Ibibabi byacyo ntibyuma, icyo azakora cyose kizamubera cyiza. —Psalm 1:1-3

15. Mose yahanuye nde?
   a. Mesiya, Yesu Kristo.
   b. Abami ba Isirayeli bose.
   c. Umuhanuzi Eliya.
   d. Intumwa Pawulo.
16. Amategeko yo mu Gutegeka avuga ku byaha bikorerwa abandi yibanda ku ki?

a. Uburenganzira bw'umunyabyaha
b. Uburenganzira bw'uwakorewe ibyaha.
c. Umujinya w'Imana.
d. Akamaro k'igihano cyo kwicwa.

17. Ibanga ryo gutsinda urugamba ni irihe dushingiye ku byanditswe mu Gutegeka kwa Kabiri?
    a. Umubare w'ingabo
    b. Gukomera kw'ingabo
    c. Kwizera
    d. Kugira ingamba zikomeye
18. Itegeko ryo "guhungura" ni ishusho ikomeye ya_____.
    a. Urushako
    b. Ubutane
    c. Ubuzima nyuma y'urupfu
    d. Yesu
19. Mose yasoje ibibwiriza bye atanga amahitamo. Ni ayahe mahita atanga?
    a. Guhitamo Egiputa cyangwa Kanani.
    b. Guhitamo urupfu cyangwa ubugingo.
    c. Guhitamo ububata cyangwa umudendezo.
    d. Guhitamo ubwami cyangwa demokarasi.

Ujya ubona uri umunyamugisha cyangwa uhirwa? Kuki ari byo cyangwa kuki atari byo? Niba atari byo, wakora iki kugira ngo ujye mu mugisha w'Imana?

_____
_____

Shimira Imana uko yaguhaye umugisha, maze uyibwire ko ukeneye umugisha wuzuye yakugeneye. Yisabe kugushoboza gukunda no kwitondera ijambo ryayo kugira ngo ushobore kubera umugisha abakuzengurutse.

Kujya Imuhengeri

1. Kuki ikibwiriza cyo mu Gutegeka 6:4-9 abigisha b'ibihe byose bavuga ko ari cyo gikomeye cyane mubyabwirijwe na Mose byose? Intego y'icyo kibwiriza ni iyihe?

_____
_____
_____

2. Ubwo Mose yahanuraga ko hari igihe abantu bazagira umwami, kuki yategetse ko umwami agomba kugira kopi y'ibitabo bitanu bya mbere by'amategeko mu biganza bye? Ibi bisanishe na Zaburi ya mbere, aho Dawidi nk'umwami wa Isirayeli ukomeye cyane yanditse ko umuntu w'umunyamugisha cyangwa uhirwa agomba gukunda ijambo ry'Imana kandi akaryibwira amanywa n'ijoro.

_____
_____
_____

3. Kuki Mose yabwirije ngo nibajya ku rugamba bagomba kubwira abafite ubwoba, abakimara gushaka, cyangwa

abari bakimara gutera uruzabibu gusubira mu rugo? Sanisha ibi n'ibyo Gideon nawe yabwiye ingabo.

_____
_____
_____

4. Sanisha ikibwiriza cya Mose kiri ku musozo w'iki gitabo aho ahiga abantu ngo bahitemo hagati y'ubugingo n'urupfu n'andi mahitamo menshi cyane afite ingaruka zidahinduka, maze ubisanishe n'ibya bantu bavuga ko umuntu nta burenganzira afite bwo kwihitiramo ibyo gukora bitewe no gukora kw'Imana ko kuduhitiramo ndetse no kuba yaragennye uko ibintu byose bigomba kugenda.

_____
_____
_____

5. Ni gute itegeko ryo gushaka umupfakazi wa mukuru wawe cyangwa guhungura (Gutegeka 25:5-10) bigaragaza gucungurwa kwacu muri Kristo? Kubimenya bidufasha gute kumenya iby'igitabo cya Rusi?

_____
_____
_____

6. Kuki Imana yanga kuyitera umuongo, kwica, kuraguza, ubutinganyi n'ibindi byaha?

_____
_____
_____

7. Ni iki twiga mu kibwiriza cya Mose kivuga ku buntu bw'Imana, urukundo rw'Imana, ubusobanuro bw'icya cumi, n'igituma tugomba gukunda Imana no kuyumvira?

_____

_____
_____

Singira Ibyawe

Igice cya 10
Inyigisho y'Amajwi: Isomo rya 24 ry'Isesengura ry'Isezeranorya Kera.

Intego: Kumenya uko Imana iyobora ubwoko bwayo mu byo yabasezeranije.

"Ucyakora ukomere ushikame cyane, kugira ngo witondere amategeko yose umugaragu wanjye Mose yagutegetse. Ntuzayateshuke uciye iburyo cyangwa ibumoso, kugira ngo ubashishwe byose ahouzajya hose. Ibiri muri iki gitabo cy'amategeko ntukarorere kubihamisha akanwa kawe, ahubwo ujye ubitekereza ku manywa na nijoro, kugira ngo ubone uko ukurikiza ibyanditswemo byose. Ni ho uzahirwa mu nzira zawe, ukabashishwa byose." —Yosuwa 1:7-8

Igitabo cya Yosuwa hari ukuntu ari imbusane y'igitabo cyo kubara. Kubara ni inkuru yo kutizera Imana aho Ababeburyao barimbuwe no kutizera. Bari bahawe igihugu cyose ariko

ntabwo bari bakagifashe kuko bananiwe kwizera Imana. Igitabo cya Yosuwa kigisha kwizera, kwizera kunesha ndetse kugafata ibyo Imana yageneye ubwoko bwayo byose.

Ni uko bimera no mu migisha yacu y'umwuka. Hari imigisha myinshi yo mu mwuka twahawe muri iki gihe: gusenga, ibyanditswe byera, guterana, kuramya Imana- ibi byose Imana ibiha buri muntu wese wizera. Ariko hari abizera bagira iyo migisha y'umwuka, bayigira iyabo, abandi ntabwo bigera bayisingira ngo bayigenderemo. Ibi ni ingenzi cyane kubimenya. Ugomba kuyikandagiramo. Utunga gusenga iyo usenga, utunga kuramya iyo uramya, umenya ibyanditswe iyo ubisoma, ukabisobanukirwa kandi ukabishyira mu bikorwa. Ufata imigisha yawe yo mu mwuka, utera urutambwe rumwe rwo mu mwuka ku rundi.

Muri Yosuwa tuhasanga ibintu 16 bisobanura kwizera. Ubanza kwizera ari ingenzi cyane ku Mana kuko intego y'igitabo cya Yosuwa cyose ari ukutwereka uko twabeshwaho no kwizera tukagendera mu kwizera tujya mu migisha yo mu mwuka yose Imana idufitiye. Umubano wa Mose na Yosuwa ni urugero rukomeye cyane rw'umubano ugomba kubaho mu gihe cyo gutegura abayobozi mu murimo w'Imana. Yosuwa yari umunyembaraga, yaragandukaga kandi akagira kwizera gukomeye.

1. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Rugikubita ntabwo Abaheburayo bari bafite kwizera ko winjira mu Gihugu Cyasezeranijwe.
2. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Mose yakoze umurimo mwiza cyane wo gutoza uzamusimbura.
3. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Izina rya Yesu rituruka mu izina rya Yosuwa.

Cyeretse nibihindurwa naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe kuri buri kibazo

4. Ni iki gisabwa kugira ngo umuntu abohoke?
   a. Gusaba
   b. Kwizera
   c. Kumvira
   d. Gukora
5. Ni iki gisabwa kugira ngo umuntu yinjire mu Gihugu cy'Amasezerano?

a. Gusaba
b. Kwizera
c. Kumvira
d. Gukora

6. Igitabo cya Yosuwa cyagereranwa gite n'igitabo cyo Kubara?
   a. Byombi bivuga ukwizera k'ubwoko bw'Imana.
   b. Ubwoko bw'Imana nta kwizera bafite mu bitabo byombi.
   c. Igitabo cyo Kubara kivuga ku kwizera, hanyuma igitabo cya Yosuwa kikavuga kutizera.
   d. Igitabo cya Yosuwa kivuga ku kwizera, hanyuma Kubara kikavuga ku kutizera.
7. Yosuwa yabonye ate guhishurirwa kwe guturuka ku Mana?
   a. Ajya ku musozi Sinayi nka Mose.
   b. Ahura n'Imana imbona nkubone mu ihema ry'ibonaniro
   c. Asoma ndetse agatekereza ku ijambo ry'Imana ryanditse.
   d. Ahura n'abamarayika buri
8. Igitabo cya Yosuwa kitubwira imigisha y'Imana n'ukuntu ubwoko bwayo bwabona iyo migisha. Ni ikihe gitabo cyo mu Isezerano Rishya gifite inyigisho imwe nk'iyo muri Yosuwa?
   a. Abaheburayo
   b. Abefeso
   c. Yuda
   d. Abagalatiya
9. Ni gute twakwakira imigisha yacu?
   a. Tujya gusura Ubutaka Bwera
   b. Tuyikorera cyane
   c. Tuyisaba Imana
   d. Tuba muri Kristo kubwo kwizera
10. Imigisha yacu tuyihabwa ryari?
    a. Tuba tyifite igihe cyose
    b. Tuyibona iyo twakoze ibyiza byinshi tukabona amanota menshi imbere y'Imana.
    c. Mu buzima bwa nyuma yo gupfa
    d. Nitugera mu ijuru
11. Muri Yosuwa tubonamo ingero 16 zo _____.
    a. Amategeko
    b. Ingamba zo kurwana
    c. Kutumvira
    d. Kwizera
12. Iyo Imana ishaka kuduha umugisha, cyaba ari igihugu Cyasezeranijwe cyangwa agakiza muri Kristo, uruhare rwacu ni uruhe kugira ngo tuwakire?
    a. Ntacyo tugomba gukora uretse kuwutegereza gusa.
    b. Tugomba kujya kuwiyakirira
    c. Twakira umugisha we kubwo kwizera
    d. Tugomba kwigira ibanga ku mutambyi.
13. Intego y'agakiza kacu muri ubu bugingo ni iyihe?
    a. Gutegereza kuzajya mu ijuru
    b. Kugira ngo twinjire muri "Kanani" yacu no muri ubu buzima.
    c. Gutandukanwa burundu n'iyi si.
    d. Kwereka abandi uko turi beza.

14. Imana iduha ubuntu bungana iki?
    a. Aduha ubuntu buhagije.
    b. Ntabwo aduha ubuduhagije.
    c. Ibuduha iyo tubukeneye.
    d. Iduha ubungana nubwo dukwiriye.

Waba wibwira ko hari amasezerano y'Imana ku buzima bwawe waba waratakaje? Niba ari byo, wakora bikorwa ki byo kwizera kugira ngo winjire mu Gihugu Cyasezeranijwe?

_____
_____
_____

Bwira Imana ko ushaka kuba umugabo cyangwa umugore ufite kwizera gukomeye. Yisabe kukuyobora ahandi hantu no kuguha imbaraga zo kubaho ukomeye kandi ushize amanga.

Kujya Imuhengeri

1. Sobanura uko umurongo wa gatatu w'igitabo cya Yosuwa ahavuga ngo, "Aho muzakandagiza ikirenge cyanyu cyose, ndahabaha...," ukubwira uko wakwakira ibyakugenewe, cyane cyane iyo ubigereranyije n'umurongo wa gatatu w'igitabo cy'Abefeso n'umurongo wa gatatu w'igitabo cya Petero wa Kabiri.

   _____
   _____
   _____

2. Tuvuze mu buryo busobanutse neza, kandi bwumvikana, Igihugu Twasezeranijwe cyangwa Kanani ni iki? Twajyamo dute urutambwe ku undi?

   _____
   _____
   _____

3. Itandukaniro riri hagati y'igitabo cya Yosuwa n'icyo Kubara ni irihe? Koresha ijambo rimwe gusa ukagaragaza incamake igaragaza uko ibi bitabo bitandukana.

   _____
   _____
   _____

4. Ni gitekerezo ki kigaragazwa inshuro cumi n'esheshatu mu gitabo cya Yosuwa?

   _____
   _____
   _____

5. Vuga icyatuma Imana ikora ibi bintu, n'ukuntu ibi ari ingenzi cyane mu gusoma iki gitabo ushaka ukuri washyira

mu bikorwa mu buzima bwawe.

_____
_____
_____

6. Tanga ingero z'imigisha yo mu mwuka ugomba gukandagizaho ikirenge cyangwa gusingira, buhoro buhoro, muri Kanani yawe.

_____
_____
_____

7. Ushingiye mu Abefeso 1:3 na 2 Petero 1:3, ubona iyo migisha yo mu mwuka iri he?

_____
_____
_____

Imyumvire yo Kwizera

Igice cya 11
Inyigisho y'Amajwi: Isomo rya 25 ry'Isesengura ry'Isezernao Rishya.

Intego: Kumenya ukuntu kwizera ari ingenzi cyane ku Mana n'ukuntu ari ngombwa kuri twe.

"Mbese si jye ubigutegetse? Nuko komera ushikame, ntutinye kandi ntukuke umutima, kuko Uwiteka Imana yawe iri kumwe nawe aho uzajya hose." —Joshua 1:9

Igitabo cya Yosuwa kigizwe no gufata igihugu cya Kanani. Iyo dusomye ibyanditse muri iki gitabo, tubonamo "Imyumvire yo Kwizera." Buri gice ku kindi biduha ingero n'imbuzi bitwereka kwizera icyo ari cyo n'icyo kutari cyo. Gitangirana no "Gusakara ko kwizera" ubwo Mose yahaga Yosuwa ububasha bwo kuyobora mbere yuko apfa. Abantu bari bafite kwizera Imana nka Rahabu, utatekereza ko yaba afite ukwizera gukomeye, batugaragariza ko hariho "Kwizera Gutungurana" guhiga gusobanukirwa kwacu.

Mu gitabo cya Yosuwa na none dusangamo "Kwizera Kwemeza." Iyo Imana irimo kuduha kwizera kwatugeza muri Kanani yo mu mwuka, ibanza gusuzuma kwizera kwacu kugira ngo idukomeze. Iyo duteye intambwe zo kwizera, Imana iziha umugisha kandi ikazikomeza. Nyuma tuza kubona muri iki gitabo "Inkingi yo Kwizera," ibitare by'urwibutso byubatswe kugira ngo bijye byibutse abantu igitangaza cyo kwambuka umugezi wa Yorodani mu gihe wari wuzuye. Hanyuma tukabona "Ibisabwa kugira ngo ugire kwizera."

Mbere yuko Isirayeli itera Kanani, bategetswe gukeba buri mugabo kugira ngo batambirwe Imana kandi bitandukanye n'Abanyakanani nk'ubwoko bw'Imana. Hanyuma Imana ikaduha "Ubusobanuro bwo Kwizera," itwohereza mu murimo mu Gihugu Cyasezeranijwe. No muri iki gihe Imana iracyadutuma mu mugambi wayo. Hari ubwo gutumwa nayo bigerageza kwizera kwacu nk'uko ingamba zo kurwanya Yeriko zagerageje kwizera kwa Yosuwa.

Niba uzi Imana neza ubwo usobanukiwe ko umuhamagaro wayo utakujyana aho ubuntu bwayo butakurindira. Niba wumva hari icyo Imana irimo kukubwira gukora, umugambi wayo igihe cyose uhora ari wo mwiza, n'igihe hari ubwo ubona bidasobanutse neza. Igitabo cya Yosuwa kitwigisha ko kwizera gukora. Iyo kwizera guhagurutse kukagenda, kurakora, kandi iyo gukoze, kunesha intambara z'ubuzima.

1. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Ubwoko bwa Isirayeli bwakurikiye Yosuwa nk'uko bwakurikiye Mose.
2. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Iyo dufite ukwizera, nta bundi bwiru bubaho. Imana idufasha kumenya neza ibyo ikora byose.
3. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Umubano wa Mose na Yosuwa ni urugero rwiza rwo kuherererekanya ubuyobozi.

Cyeretse bihinduwe, nahio ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe cya buri kibazo.

4. Ni iki cyakijije Rahabu ubwo Yeriko yasenywaga?
   a. Kuko yabeshye kugira ngo arinde Abayuda.
   b. Kuko yari afite kwizera.
   c. Yatorotse kuko yari azi ko Abisirayeli barimo kuza.
   d. Kuko yari umuntu w'ingeso nziza.
5. Ni iki Imana yabwiye Yosuwa? (Hitamo ibyo ubona ko ari ukuri byose)
   a. Gukomera
   b. Gutegerezaho indi myaka kugira ngo babone kujya mu Gihugu cy'Amasezerano.
   c. Kwibutsa abantu amategeko y'Imana.
   d. Kumvira amategeko y'Imana.
   e. Kuba umunyembaraga.
   f. Kwizera ubuhanga bw'ingabo za Isirayeli.
6. Kumvira no kwizera bigira sano ki?
   a. Ntaho sano bifitanye.
   b. Kumvira bigira akamaro kurusha kwizera.
   c. Kwizera niko gufite akamaro gusa. Kumvira ntabwo ari ngombwa.

d. Kwizera nyako gutera kumvira.

7. Kuki Abisirayeli bubatse igishushanyo cy'urwibutso aho bambukiye Umugezi wa Yorodani?
   a. Kugira ngo bajye bahora bibuka icyo gitangaza ndetse bazigishe abana babo n'abuzukuru babo iby'icyo gitangaza.
   b. Kuramya ikigirwamana cy'umugezi cy'Abanyakanani.
   c. Kugira ngo bazamenye aho kwambukira ni biba ngombwa ko basubirayo Abanyakanani nibabatsinda. nyuma yo gutsindwa.
   d. Kugira ngo barukoreshe nk'umunara w'abarinzi.
8. Gukebwa kw'abagabo b'Abisirayeli biwigisha somo ki?
   a. Ko abagabo batagomba kuramya Imana badakwbwe.
   b. Ko tugomba gutandukana n'icyaha burundu kugira maze tukiyegurira Imana burundu.
   c. Ko Imana itekereza ko imihango ari ingirakamaro cyane.
   d. Ko ubwoko bw'Imana bugomba guhanwa mbere yuko buhabwa umugisha w'Imana.
9. Ni ikihe muri ibi kitubera isomo dukura mu gutumwa kwa Yosuwa?
   a. Ko ibihe by'umuntu ahura n'Imana aba atari ukuri.
   b. Nta muntu uhamagarwa n'Imana mbere y'uko ayibona mu nzozi.
   c. Abantu benshi bagize kwizera gukomeye hari aho usanga barahuye n'imana.
   d. Ntugasohoke mu nkambi iyo bwije.
10. Umugambi wo gutsinda Yeriko wari umeze ute?
    a. Wari mwiza cyane
    b. Nta bwenge bwarimo
    c. Wari uruhije cyane
    d. Wari usebeje cyane
11. Kuki Yosuwa yemeye gukurikiza umugambi w'Imana udasobanutse?
    a. Kuko atari umuhanga mu mikorere ya gisirikare.
    b. Kuko ari nta yandi mahitamo yari afite
    c. Kuko yabonaga ari umugambi mwiza cyane
    d. Kuko Imana yabimubwiye
12. Ni iki cyatumye inkike za Yeriko zigwa?
    a. Kwizera
    b. Guhinda umushyitsi k'ubutaka bitewe n'umubare munini w'abantu babugendagaho.
    c. Urusaku rwa miliyoni nyinshi z'abantu bari gusakuza.
    d. Ibitare byamenerwaga kure yaho.
13. Uburyo bwa Bibiliya bwo kumenya ukuri ni ubuhe?
    a. Kwiga no gusoma kugeza ubwo twemeye ukuri.
    b. Kubanza tukumvira mu kwizera, maze tukabona kumenya ukuri.
    c. Kumenya ukuri mbere, maze ugakora ibyo kuvuga.
    d. Hakanya kugeza ubwo wemejwe.
14. Yesu atwigisha Gushyira kwizera mu bikorwa. (Bikurikiranye)
    a. Kwizera Gutsinda 1. _____
    b. Kwizera Kugenda 2._____
    c. Kwizera Gukora 3. _____

Mbese birakorohera cyangwa biragukomerera gukorera mu kwizera? Ni kangahe ukora mu kwizera aho gukora uko

ibintu bigaragara?

_____
_____
_____

Imana yubaha kwizera gufite imbaraga. Saba Imana ikuyobore ndetse igushoboze gutera urutambwe rwo kwizera kubw'icyubahiro cyayo.

Kujya Imuhengeri

1. Kuki Imana yahaye Yosuwa umugambi mubi wo kurwana urugamba rwe rwa mbere nk'umuyobozi mushya wa Isirayeli, kuki Yosuwa yawubahirije neza neza?

   _____
   _____
   _____

2. Sobanura uko aya magambo ngo, "Kwizera kugenda niko kwizera gukora, kandi kwizera gukora ni ko gutsinda cyangwa kunesha," akora mu buzima bwawe ushyira mu bikorwa iyi nyigisho yo mu Gitabo cya Yosuwa.

   _____
   _____
   _____

3. Iki gitabo cya Yosuwa kitwigisha iki ku isano iba hagati yo kwizera no kumvira n'ukuntu washyira izo nyigisho mu buzima bwawe bwite?

   _____
   _____
   _____

4. Kuki aba bantu bategetswe kubaka inkingi y'amabuye ubwo bambukaga Yorodani mu buryo bw'igitangaza, hanyuma ibi ubikuramo butumwa ki washyira u bkorwa mu buzima bwawe?

   _____
   _____
   _____

5. Ni butumwa ki dukura mu gikorwa cyo gukebwa k'ubwoko bw'Imana, kuki?

   _____
   _____
   _____

6. Kuki Imana yacyashye Yosuwa kubw'isengesho yasenze (Yosuwa 7:10), kandi ni gute twashyira mu bikorwa inyigisho dukura mu ntambara ebyiri barwanye na Ayi?

   _____
   _____
   _____

7. Ni butumwa ki dukura mu cyaha Akani yakoze ndetse n'igihano yahanwe?

   _____
   _____
   _____

Isengesho Ribi n'Abanzi bo Kwizera

Igice cya 12
Inyigisho y'Amajwi: Isomo rya 26 ry'Isesengura ry'Isezerano rya Kera

Intego: Kumenya uko kwizera kwacu kwanesha isi, na Satani.

"Nuko noneho mwubahe Uwiteka mumukorere mu by'ukuri mutaryarya, kandi mukureho za Man aba sogokuruza banyu bakoreraga hakurya ya rwa ruzi no muri Egiputa, mujye mukorera Uwiteka. Kandi niba mutekereza ko ari bibi gukorera Uwiteka, uyu munsi nimwitoranyirize uwo muzakorera, niba ari izo mana ba sogokuruza bakoreraga zo hakurya ya rwa ruzi, cyangwa imana z'Abamori bene iki gihugu murimo, ariko jye n'inzu yanjye tuzakorera Uwiteka. Abantu baramusubiza bati 'Kwimura Uwiteka ngo dukorere izindi mana biragatsindwa.'" (Yosuwa 24:14-16)

Igitabo cya Yosuwa cyuzuyemo ingero z'ukuntu twatsinda abanzi bo kwizera kwacu. Umwanzi wa mbere wo kwizera kwacu, isi, agaragazwa na Yeriko mu gice cya 6. Inkuru y'ukuntu Akani yanze kumvira maze akibikira ku mitungo y'i Yeriko ni ishusho igaragaza uko dukunda ibintu by'iyi *si*. Akani yaravuze ati, "Nararebye. Narifuje. Ndajyana." Gutsindwa kwa Isirayeli ahitwa Ayi ko mu gice cya 7 na 8 bitewe n'icyaha cya Akani bigaragaza *kamere* yacu. Hanyuma mu gice cya 9 ubwoko bw'Abanyagibeyoni bugirana amasezerano na Isirayeli bababeshye. Natwe Satani ni ko atubeshya. *Satani* aradushuka ngo dukore icyiza kugira ngo atubuze gukora icyiza cyane Imana yatugeneye. Muri Yosuwa 6-9 haduha ishusho y'aba banzi batatu bo kwizera kwacu: *isi*, *kamere yacu*, na *Satani*.

Ibindi bice byo mu gitabo cya Yosuwa uhasanga ibindi bimenyetso bidusobanurira kwizera icyo ari cyo. Ubuzima bwa Yosuwa na Kalebu buduha "Urugero rwiza rwo kwizera." Ntabwo bigeze batakaza intumbero yabo. Nk'uko abatasi cumi bibanze ku bibazo, ubwoko bwa Isirayeli butubera "Urugero Rubi rwo Kwizera." Bananiwe gutsinda amoko yo muri Kanani yose nk'uko Imana yari yabibategetse hanyuma igitabo cya Bibiliya gikurikiraho kigasobanura igihano cyo kutumvira kwabo. Ishusho ya nyuma yo kwizera tubona mu gitabo cya Yosuwa ni "Umwanzuro wo Kwizera." Yosuwa yahize abantu yayoboraga guhamya kwizera kwabo bagirana isezerano n'Imana. Yavuze ko we n'inzu ye bazashyira Imana ku mwanya wa mbere kandi bakayikorera.

Igitabo cya Yosuwa gisozwa Yosuwa ashishikariza abantu nk'uko Mose yabigenjeje ku musozo wo Gutegeka kwa kabiri n'Abalewi. Mose na Yosuwa baduhigira guhamya kwizera kwacu twiyemeza gushyira Imana ku mwanya wa mbere mu

buzima bwacu.

1. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Abisirayeli ntabwo bigeze batsindirwa mu Gihugu cy'Amasezerano kuko bizeraga Imana.
2. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Nta muntu Imana yigeze icyaha kubwo gusenga.
3. Ni ukuri cyangwa si ukuri? Imana ntabwo yaduha intsinzi igihe tucyanze kurekura icyaha ngo kive mu buzima bwacu.

Cyeretse nibihindurwa naho ubundi urasabwa guhitamo igisubizo kimwe cya buri kibazo.

4. Kuki Yosuwa yikubise hasi agapfukama nyuma yo gutsindwa na Ayi?
   a. Yumvise ahamwe n'icyaha.
   b. Yabonye ko iki ari ikibazo cy'umwuka kuri Isirayeli.
   c. Yarashwe n'ingabo za Ayi.
   d. Yakozwe n'isoni.
5. Ni iki bisaba kugira ngo dutsinde intamabara zacu z'umwuka?
   a. Imana kubana natwe
   b. Kurusha imbaraga abanzi bacu
   c. Kugira amashuri meza
   d. Kugira umugambi mwiza.
6. Yeriko ni ikimenyetso cyiza cy'iki muri ibi?
   a. Umugambi mwiza wa gisirikare
   b. Inkike zubatswe nabi
   c. Itegeko rya kimwe mu icumi
   d. Politike igezweho
7. Kuki Imana yabwiye Yosuwa kureka gusenga?
   a. Kuko Imana irambirwa amasengesho yacu.
   b. Kuko Imana idakeneye kumva ibibazo byacu.
   c. Kuko yarimo kwikoza isoni.
   d. Kuko ubushake bw'Imana bwagaragaraga kuburyo atari akeneye gusenga.
8. Iyo dushaka ibyo Imana yabuzanije, icyaha cyacu kinyura mu nzego eshatu. Izo nzego zikurikirana zite?
   a. "Narafashe" 1._____
   b. "Nararebye" 2._____
   c. "Narifuje" 3._____
9. Ni ibihe muri ibi biranga Imana (Hitamo ibyo ubona ko ari ibisubizo byose)
   a. Gushyira ibintu ku Murongo
   b. Akaduruvayo
   c. Guhutiraho
   d. Kurema
   e. Kureba Kure
   f. Kutita ku bintu
10. Abisirayeli bakoze kosa ki mu Banyagibeyoni?
    a. Imana yari yarababujije kugirana amasezerano nabo, maze barabyirengagiza.

b. Bibagiwe kubaza Imana.
c. Bamenye ko Abanyagibeyoni babeshya ariko ntibabyitaho.
d. Batangiye kuramya ibigirwamana by'Abanyagibeyoni.

11. Huza iyi mirwa n'abanzi ihagarariye.
a. Jericho 1. _____
b. Ai 2. _____
c. Gibeon 3. _____

12. Ni gute Satani ajya atugerageza?
a. Akoresheje ibyaha
b. Akoresheje imbusane y'ubushake bw'Imana.
c. Akoresheje ikintu cyiza
d. Akoresheje icyiza cyane

13. Ni iyihe nteruro muri izi isbanura neza kwizera kwa Kalebu?
a. Ntabwo yigeze atakaza iyerekwa.
b. Ntabwo yahindutse ku mugambi we.
c. Yanze amasezerano y'Imana.
d. Ntabwo yigeze areka gushidikanya.

14. Bivuze iki kuri twe "Gutsinda Kanani" muri iki gihe?
a. Kujya muri Isirayeli tugafatanya urugamba nabo.
b. Kurimbura abanzi b'ukuri kw'Imana.
c. Kuzenguruka imirwa yacu maze tugasakuza.
d. Kuzibukira ibyaha mu buzima bwacu bwose.

Mu buzima bwawe haracyarimo "Kanani" ingana iki?

_____

_____

_____

Niba utariyemeza gukorera Imana yonyine, iki ni cyo gihe cyo kubikora. Saba Imana ngo ikwereke ibice byo mu buzima bwawe ugomba kunesha. Nurangiza uyisabe umugambi mwiza n'imbaraga zo kunesha abanzi bo kwizera kwawe. Maze uvuge nka Yosuwa uti, "Jyewe n'inzu yanjye, tuzakorera Uwiteka."

Going Deeper

1. Kuki Yosuwa yikubise hasi agahita asenga akimara kumva ko batsinzwe na Ayi?

_____

_____

_____

2. Ibi twabishyira dute mu bikorwa bifatanijwe n'uko Imana yamubujije gusenga?

_____

_____

_____

3. Sanisha ndetse ugaragaze umugambi mwiza cyane wa gisirikare wagaragajwe na Yosuwa ku rugamba rwa kabiri barwanye na Ayi, n'umugambi w'urugamba barwanye na yeriko.

_____
_____
_____

4. Sanisha ndetse ugaragaze abanzi batatu bo kwizera bashushanywa na Yeriko, Akani n'Abanyagibiyoni.

_____
_____
_____

5. Twashyire dute mu bikorwa urwego rwa mbere kandi rw'intangarugero rwo kwizera kwa Kalebu?

_____
_____

_____

6. Abantu bagira kwizera baba bavuze iki iyo bavuga gutsinda Kanani yo mu bugingo bwabo?

_____
_____
_____

7. Ni gute intsinzi ya Yeriko igaragaza ubusobanuro bwo gutanga icya cumi.

_____
_____
_____